Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Itegeko / Law / Loi

N° 20/2013 ryo kuwa 25/03/2013
Itegeko rigenga ishyirwaho ry'ibigega by'ubwizerane n'abacunga iby'abandi b'umwuga…..2
N° 20/2013 of 25/03/2013
Law regulating the creation of trusts and trustees……..2
N° 20/2013 du 25/03/2013
Loi portant règlementation de la création des fiducies et des fidéicommissaires……..2

B. Iteka rya Minisitiri w'Intebe / Prime Minister' Order / Arrêté du Premier Ministre

N° 157bis /03 ryo kuwa 24/05/2013
Iteka rya Minisitiri w'Intebe rishyiraho Ubunyamabanga bw'Igihugu bwo Kongera Ubushobozi (NCBS) kandi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byabwo……...38
N° 157bis /03 of 24/05/2013
Prime Minister's Order establishing National Capacity Building Secretariat (NCBS) and determining its mission, organization and functioning……38
N° 157bis /03 du 24/05/2013
Arrêté du Premier Ministre portant création du Secrétariat National de Renforcement des Capacités (NCBS) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement…...38

C. Amateka y'Abaminisitiri/ Ministerial Orders/ Arrêtés Ministériels
N° 01/013 ryo kuwa 20/06/2013
Iteka rya Minisitiri rigena uburyo bwo kubona uruhushya rw'ibikorwa by'imikino y'amahirwe n'amafaranga arutangwaho……..58
N° 01/013 of 20/06/2013
Ministerial Order determining procedures for obtaining a gaming licence and relevant fees 58
N° 01/013 du 20/06/2013
Arrêté Ministériel déterminant les procédures pour l'obtention de licence de jeux de hasard et les frais y relatifs……..58

N° 858/08.11 ryo kuwa 20/05/2013
Iteka rya Minisitiri rishyiraho urutonde rw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bemerewe gukora uwo murimo……80
N° 858/08.11 of 20/05/2013
Ministerial Order publishing a list of professional court bailiffs allowed to exercise the profession……80
N° 858/08.11 du 20/05/2013
Arrêté Ministériel portant publication de la liste des Huissiers de Justice Professionnels agréés pour exercer la profession……80

D. Ibindi / Miscellaneous / Divers
1. **URUBANZA RC 0116/06/TB/Nyrga** ……..86
2. **Ingingo z'ingenzi z'urwandiko rusaba guhindura amazina :**
   -Nduwayezu Gatsinzi Thérèse ……91
   -Umutesi Monique ……...91
   -Nigwire Agnes ……...92

ITEGEKO Nº 20/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RIGENGA ISHYIRWAHO RY'IBIGEGA BY'UBWIZERANE N'ABACUNGA IBY'ABANDI B'UMWUGA

LAW Nº20/2013 OF 25/03/2013 REGULATING THE CREATION OF TRUSTS AND TRUSTEES

LOI Nº20/2013 DU 25/03/2013 PORTANT REGLEMENTATION DE LA CREATION DES FIDUCIES ET DES FIDEICOMMISSAIRES

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Ingingo ya 4: Ibisabwa ucunga ibigega by'ubwizerane

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'IBIGEGA BY'UBWIZERANE

Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'ibigega by'ubwizerane

Ingingo ya 6: Iyandikisha ry'ibigega by'ubwizerane

Ingingo ya 7: Itangwa ry'uruhushya

Ingingo ya 8: Iseswa ry'ikigega cy'ubwizerane

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Definitions of terms

Article 3: Scope of this Law

Article 4: Requirennts of a fiduciary of a trust

CHAPTER II: CREATION OF TRUSTS

Article 5: Creation of trusts

Article 6: Registration of trusts

Article 7: Granting of a license

Article 8: Dissolution of a trust

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi

Article 2: Définitions des termes

Article 3: Champ d'application de la présente loi

Article 4: Conditions requises pour être fidéicommissaire

CHAPITRE II: CREATION DES FIDUCIES

Article 5: Création des fiducies

Article 6: Enregistrement des fiducies

Article 7: Octroi d'une licence

Article 8: Dissolution d'une fiducie

UMUTWE WA III: ISHORAMARI	**CHAPTER III: INVESTMENTS**	**CHAPITRE III: INVESTISSEMENTS**
Ingingo ya 9: Ububasha bwo gushora imari	**Article 9: Powers of investment**	**Article 9: Pouvoir d'investissement**
Ingingo ya 10: Ibigenderwaho mu gushora imari	**Article 10: Investment criteria**	**Article 10: Critères d'investissement**
Ingingo ya 11: Gusaba inama	**Article 11: Seeking advice**	**Article 11: Demander des conseils**
Ingingo ya 12: Ishoramari ryemewe	**Article 12: Authorized investments**	**Article 12: Investissements autorisés**
Ingingo ya 13: Ububasha bwo kugumana uburenganzira ku ishoramari	**Article 13: Powers to retain investment**	**Article 13: Pouvoir de conserver l'investissement**
Ingingo ya 14: Imyenda n'ishoramari by'abacunga iby'abandi b'umwuga bidafatwa nk'ikosa	**Article 14: Loans and investments by trustees not considered as a fault**	**Article 14: Prêts et investissements des fidéicommissaires qui ne sont pas considérés comme une faute**
Ingingo ya 15: Uburyozwe mu gihe cy'igihombo gitewe n'ishoramari ridakwiye	**Article 15: Liability for loss due to improper investment**	**Article 15: Responsabilité en cas de perte résultant d'un investissement inapproprié**
Ingingo ya 16: Ububasha bwo kubitsa amafaranga muri banki no kwishyura amafaranga y'ihamagarira kugura imigabane	**Article 16: Powers to bank money and to pay expenses related to public offer for subscription**	**Article 16: Pouvoir d'effectuer les dépots d'argent en banque et de payer des frais liés à l'appel public de fonds**
Ingingo ya 17: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo kugurisha no kugura mu cyamunara	**Article 17: Power of a trustee to sell and buy by auction**	**Article 17: Pouvoir d'un fidéicommissaire de vendre et d'acheter aux enchères**
Ingingo ya 18: Ububasha bwo kugurisha umutungo habayeho igabanuka ry'agaciro kawo	**Article 18: Powers to sell a property in case of depreciation of value**	**Article 18: Pouvoir de vente des biens en cas de dépréciation de leur valeur**
Ingingo ya 19: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo gutanga inyemezabwishyu	**Article 19: Powers of a trustee to issue receipts**	**Article 19: Pouvoir du fidéicommissaire d'émettre des récépissés**

Ingingo ya 20: Ububasha bwo gukusanya imyenda yishyurwa n'iyishyuzwa	**Article 20: Powers to deal with debtors and creditors**	**Article 20: Pouvoir de collecter les dettes et les créances**
Ingingo ya 21: Ububasha bwo gukusanya amafaranga	**Article 21: Powers to raise money**	**Article 21: Pouvoir de collecter de l'argent**
Ingingo ya 22: Kurinda abaguzi n'abahawe ingwate bagirana amasezerano n'abacunga iby'abandi b'umwuga	**Article 22: Protection of purchasers and preferential creditors dealing with trustees**	**Article 22: Protection des acheteurs et des créanciers privilégiés traitant avec les fidéicommissaires**
Ingingo ya 23: Itangwa ry'ububasha	**Article 23: Devolution of powers**	**Article 23: Dévolution des pouvoirs**
UMUTWE WA IV: UBUBASHA BW'ABACUNGA IBY'ABANDI B'UMWUGA	**CHAPTER IV: POWERS OF TRUSTEES**	**CHAPITRE IV: POUVOIRS DES FIDEICOMMISSAIRES**
Ingingo ya 24: Ububasha bwo gufata ubwishingizi	**Article 24: Powers to subscribe insurance**	**Article 24: Pouvoir de souscrire à une assurance**
Ingingo ya 25: Inyungu zisubizwa, ibara n'igenzuramutungo	**Article 25: Reversionary interests, valuations and audit**	**Article 25: Intérêts réversibles, évaluations et audit**
Ingingo ya 26: Ububasha bwo gukorana n'abandi	**Article 26: Powers to cooperate with others**	**Article 26: Pouvoir de collaborer avec les autres**
Ingingo ya 27: Ububasha bwo guhererekanya uburenganzira bw'ucunga iby'abandi w'umwuga uri mu mahanga	**Article 27: Delegate of powers during the stay abroad**	**Article 27: Pouvoir de déléguer les droits fiduciaires pendant le séjour à l'étranger**
Ingingo ya 28: Ububasha bw'isosiyete icunga iby'abandi y'umwuga bwo gufatanya n'abandi bakora uwo mwuga	**Article 28: Power for a trust corporation to act jointly with other trustees**	**Article 28: Pouvoir pour une société de fiducie d'agir conjointement avec d'autres fidéicommissaires**
Ingingo ya 29: Kurindwa biturutse ku imenyekanisha	**Article 29: Protection in regard to notice**	**Article 29: Protection contre une notification**

Ingingo ya 30: Uburyozwe bw'abacunga iby'abandi b'umwuga	**Article 30: Liability for the trustees**	**Article 30: Responsabilité des fidéicommissaires**
Ingingo ya 31: Ububasha bwo gukoresha umutungo w'umuntu utarageza imyaka y'ubukure no kuwukoresha mu ishoramari	**Article 31: Powers to use and invest the property of an infant**	**Article 31: Pouvoir d'utiliser et d'investir les biens d'un mineur**
Ingingo ya 32: Ububasha bwo gukoresha umutungo w'ikigega	**Article 32: Powers to use the trust property**	**Article 32: Pouvoir d'utiliser les biens de la fiducie**
Ingingo ya 33: Ikigega cyihariye kirinda umutungo	**Article 33: Specific protective trust fund of assets**	**Article 33: Fiducie spécifique de protection d'actifs**
Ingingo ya 34: Uburyo abacunga iby'abandi b'umwuga bashyirwaho bakanakurwaho	**Article 34: Modalities of appointment and removal of trustees**	**Article 34: Modalités de nomination et de révocation des fidéicommissaires**
Ingingo ya 35: Kongera abacunga iby'abandi b'umwuga	**Article 35: Appointment of additional trustees**	**Article 35: Nomination de fidéicommissaires supplémentaires**
Ingingo ya 36: Ihagarika ry'akazi k'ucunga iby'abandi w'umwuga	**Article 36: Suspension of duties by a trustee**	**Article 36: Suspension de fonctions d'un fidéicommissaire**
UMUTWE WA V: UBUBASHA BW'URUKIKO	**CHAPTER V: COMPETENCE OF COURT**	**CHAPITRE V: COMPETENCE JURIDICTIONNELLE**
Ingingo ya 37: Ububasha bw'urukiko bwo gushyiraho abacunga iby'abandi b'umwuga bashya	**Article 37: Competence of the court to appoint new trustees**	**Article 37: Compétence de la juridiction de nommer de nouveaux fidéicommissaires**
Ingingo ya 38: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga mushya ushyizweho n'urukiko	**Article 38: Powers of a new trustee appointed by the court**	**Article 38: Pouvoirs d'un nouveau fidéicommissaire nommé par la juridiction**
Ingingo ya 39: Gusimbura ucunga iby'abandi w'umwuga washyizweho n'urukiko	**Article 39: Replacement of a trustee appointed by the court**	**Article 39: Remplacement d'un fidéicommissaire nommé par la juridiction**

Ingingo ya 40: Ububasha ku mutungo w'ibigega byashyiriweho inshingano zihariye	**Article 40: Powers on the truts assets for specified purposes**	**Article 40: Pouvoirs sur les biens des fiducies ayant des objectifs spécifiques**
Ingingo ya 41: Ububasha bw'urukiko bwo gutanga uburenganzira bwo gukoresha umutungo w'ikigega mu bucuruzi	**Article 41: Powers of the court to authorize the use of the trust property for commercial purposes**	**Article 41: Pouvoir de la juridiction d'autoriser l'usage des biens de la fiducie à des fins commerciales**
Ingingo ya 42: Abafite uburenganzira bwo kwiyambaza urukiko	**Article 42: Persons entitled to refer matters to the court**	**Article 42: Personnes ayant le droit de recourir à la juridiction**
Ingingo ya 43: Ububasha bwo gukura ibyatanzwe mu mutungo w'ikigega	**Article 43: Powers to charge costs on the trust propery**	**Article 43: Pouvoir de prélever des frais sur les biens de la fiducie**
UMUTWE WA VI: ABAKOZI, ABAHAGARARIYE ABANDI N'ABABITSI B'UMUTUNGO	**CHAPTER VI: EMPLOYEE, NOMIMEES, AGENTS AND CUSTODIANS**	**CHAPITRE VI: EMPLOYE, REPRESENTANTS ET DEPOSITAIRES**
Ingingo ya 44: Ububasha bwo gukoresha abakozi	**Article 44 Powers to employ an employee**	**Article 44: Pouvoir d'employer les employés**
Ingingo ya 45: Ububasha bwo gushyiraho uhagarariye abandi	**Article 45: Powers to appoint an agent**	**Article 45: Pouvoir de nommer un représentant**
Ingingo ya 46: Ububasha bwo gushyiraho ababitsi b'umutungo	**Article 46: Powers to appoint custodians**	**Article 46: Pouvoir de nommer les dépositaires**
Ingingo ya 47: Ishoramari mu nyandiko zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zishyurwa uzitwaje	**Article 47: Investment in bearer stocks**	**Article 47: Investissement dans les titres au porteur**
Ingingo ya 48: Abantu bashobora gushyirwaho nk'abahagarariye abandi cyangwa ababitsi b'umutungo	**Article 48: Persons who may be appointed as agents or custodians**	**Article 48: Personnes pouvant être nommées comme représentants ou dépositaires**
Ingingo ya 49: Gukurikirana abakozi,	**Article 49: Monitoring of employees, agents**	**Article 49: Faire le suivi des mandataires, des**

abahagarariye abandi n'ababitsi b'umutungo	**and custodians**	**représentants et des dépositaires**
UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 50: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko	**Article 50: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 50: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 51: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 51: Repealing provision**	**Article 51: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 52: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa	**Article 52: Commencement**	**Article 52: Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 20/2013 RYO KUWA 25/03/2013 RIGENGA ISHYIRWAHO RY'IBIGEGA BY'UBWIZERANE N'ABACUNGA IBY'ABANDI B'UMWUGA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 21 Ukuboza 2012;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo; iya 62, iya 66, iya 67, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 108 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko n° 07/2009 ryo kuwa 27/04/2009 ryerekeye amasosiyete y'ubucuruzi, nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Ishingiye ku Itegeko n° 12/2009 ryo kuwa

LAW Nº20/2013 OF 25/03/2013 REGULATING THE CREATION OF TRUSTS AND TRUSTEES

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 21 December 2012;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 and 201;

Pursuant to Law n° 07/2009 of 27/04/2009 relating to companies as modified and complemented to date;

Pursuant to Law n° 12/2009 of 26/05/2009

LOI Nº20/2013 DU 25/03/2013 PORTANT REGLEMENTATION DE LA CREATION DES FIDUCIES ET DES FIDEICOMMISSAIRES

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 21 décembre 2012;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 62, 66, 67, 90, 92, 93, 94, 108 et 201;

Vu la Loi n° 07/2009 du 27/04/2009 relative aux sociétés commerciales telle que modifiée et complétée à ce jour;

Vu la Loi n° 12/2009 du 26/05/2009 relative au

26/05/2009 ryerekeye izahura ry'ubucuruzi n'irangiza ry'ibibazo biturutse ku gihombo;

Ishingiye ku Itegeko n° 01/2011 ryo ku wa 10/02/2011 rigenga isoko ry'imari n'imigabane mu Rwanda;

Ishingiye ku Itegeko n° 40/2011 ryo kuwa 20/09/2011 rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe mu Rwanda;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga ishyirwaho ry'ibigega by'ubwizerane n'abacunga iby'abandi b'umwuga, ibikorwa byabo n'ibigenderwaho mu micungire yabyo mu Rwanda.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanurwa ku buryo bukurikira:

1° **Ikigega cy'ubwizerane:** ikigega gishyirwaho mu bwizerane bikozwe mu nyandiko n'umuntu runaka, cyangwa uwashinzwe kurangiza ishingano runaka, bigakorwa hakurwa umutungo kuri

relating to commercial recovery and settling of issues arising from insolvency;

Pursuant to Law n° 01/2011 of 10/02/2011 regulating capital market in Rwanda;

Pursuant to Law n° 40/2011 of 20/09/2011 regulating Collective Investment Schemes in Rwanda;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law regulates the creation of trusts and trustees, their activities and requirements for their management in Rwanda.

Article 2: Definitions of terms

For the purpose of this Law, the following terms shall have the following meaning:

1° **trust:** a fund created in writing as a result of mutual undertaking by any person or a person obliged to fulfill any obligation where the property owner transfers his/her property to a trustee for

redressement commercial et au règlement des problèmes d'insolvabilité;

Vu la Loi n° 01/2011 du 10/02/2011 portant régulation du marché des capitaux au Rwanda;

Vu la Loi n° 40/2011 du 20/09/2011 portant régulation des Fonds d'Investissements Collectifs au Rwanda;

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier : Objet de la présente loi

La présente loi porte réglementation de la création des fiducies et des fidéicommissaires, de leurs activités et des conditions de leur gestion au Rwanda.

Article 2: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1° **fiducie:** un fonds créé sur base de la confiance mutuelle et par écrit par une personne quelconque ou une personne tenue au respect d'une quelconque obligation, auquel cas les biens sont

nyirawo ugashyirwa mu maboko y'ucunga iby'abandi w'umwuga mu nyungu z'uwo wagenewe cyangwa abo wagenewe mu gihe runaka cyangwa ku mpamvu runaka. Ucunga iby'abandi w'umwuga agomba gucunga uwo mutungo neza ashingiye ku nyandiko y'ubwizerane yagiranye na nyir'imutungo;

the benefit of the beneficiary or beneficiaries for a specified period or a specific purpose. The trustee must properly manage such property in accordance with the trust instrument concluded with the property owner;

transférés de leur propriétaire à un fidéicommissaire au profit d'un bénéficiaire ou des bénéficiaires pour un temps précis ou à une fin déterminée. Le fidéicommissaire doit assurer une bonne gestion de ces biens conformément à l'acte de fiducie conclu avec le propriétaire du patrimoine;

2° **inama ikwiye:** inama itanzwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga ufite ubuhanga n'uburambe mu bijyanye n'imari n'ibindi bibazo byerekeranye n'ishoramari riteganyijwe;

2° **good advice:** a piece of advice given by a trustee with skills and experience in financial and other matters relating to the proposed investment;

2° **bon conseil:** un conseil donné par un fidéicommissaire doté des compétences et d'une expérience en matière des questions financières et autres liées à l'investissement proposé;

3° **inyandiko y'ubwizerane:** amasezerano yanditse cyangwa icyemezo cy'urukiko bishyiraho ikigega cy'ubwizerane;

3° **trust instrument:** a written agreement or court's order creating a trust;

3° **acte de fiducie:** un accord écrit ou une ordonnance de la juridiction créant une fiducie;

4° **isosiyete y'abacunga iby'abandi y'umwuga:** isosiyete ishyirwaho n'ubuyobozi bwemewe cyangwa isosiyete yemejwe n'urukiko ngo ikore imirimo y'ucunga iby'abandi w'umwuga;

4° **trust corporation:** a corporation appointed by the competent authority or by a court to act as a trustee;

4° **société de fiducie:** une société désignée par l'autorité compétente ou par une juridiction pour agir en qualité de fidéicommissaire;

5° **ubifitemo inyungu:** umuntu cyangwa abantu bafite uburenganzira ku nyungu y'ikigega cy'ubwizerane;

5° **beneficiary:** a person or persons entitled to the benefit of a trust;

5° **bénéficiaire:** une personne ou des personnes ayant droit à un avantage qui découle d'une fiducie;

6° **ucunga iby'abandi w'umwuga:** umuntu uwo ari we wese cyangwa isosiyete yashyizweho hashingiwe ku mategeko, cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi cyashyizweho kugira ngo gicunge ikigega

6° **trustee:** any person or a corporation established under the law or an entity having legal personality appointed to manage a trust and make follow up on its operation;

6° **fidéicommissaire:** tout individu ou une société établie en vertu de la loi ou une entité dotée de la personnalité juridique désignée pour gérer une fiducie et faire le suivi de son fonctionnement;

cy'ubwizerane no gukurikirana imikorere yacyo;

7° **uhagarariye umuntu:** ushinzwe kurangiza irage we ubwe, umuhagarariye, ucunga umutungo wa nyakwigendera w'irage, w'izungura nta rage cyangwa umucungamutungo washyizweho n'ubuyobozi;

8° **urukiko:** urukiko rw'ubucuruzi rwo mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba ibigega by'ubwizerane, abahawe inshingano yo kubicunga b'umwuga harimo n'abahawe uburenganzira bwo gusoza amasezerano y'ubwizerane uko yagenywe.

Ingingo ya 4: Ibisabwa ucunga ibigega by'ubwizerane

Uhabwa inshingano zo gucunga ibigega by'ubwizerane agomba kuba afite ubushishozi, uburambe n'ubumenyi muri uwo mwuga.

7° **agent:** an executor, his/her representative, the administrator of the estate succession, the administrator of the intestate succession or the administrator appointed by an authority;

8° **court:** a commercial court located in Rwanda.

Article 3: Scope of this Law

This Law shall apply to trusts, trustees and enforcers of the trust.

Article 4: Requirennts of a fiduciary of a trust

A person entrusted with the responsibility of acting as a trustee shall demonstrate diligence, experience and knowledge required to perform his/her trustee functions.

7° **représentant:** un exécuteur testamentaire, son représentant, un administrateur de la succession testamentaire, an administrateur de la succession ab intestat ou un administrateur de biens nommé par une autorité;

8° **juridiction:** une juridiction de commerce basée au Rwanda.

Article 3: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique aux fiducies, aux fidéicommissaires et aux exécuteurs.

Article 4: Conditions requises pour être fidéicommissaire

Une personne qui se voit confier la responsabilité d'agir en tant que fidéicommissaire doit faire preuve de diligence, d'expérience et de connaissances requises pour remplir les fonctions de fidéicommissaire.

UMUTWE WA II: ISHYIRWAHO RY'IBIGEGA BY'UBWIZERANE

Ingingo ya 5: Ishyirwaho ry'ibigega by'ubwizerane

Ikigega cy'ubwizerane gishyirwaho ku bushake bw'abafitanye ubwizerane kandi bigakorwa mu nyandiko.

Mu gushyiraho ikigega cy'ubwizerane hubahirizwa ibi bikurikira:

1° kuvangura umutungo w'ikigega n'uwabacunga iby'abandi b'umwuga;

2° kwegurira umutungo w'ikigega abacunga iby'abandi b'umwuga bemeye iyo nshingano.

Ikigega cy'ubwizerane gishobora gushyirirwaho kumara igihe kizwi cyangwa kitazwi.

Ingingo ya 6: Iyandikisha ry'ibigega by'ubwizerane

Inyandiko zose zishyiraho ikigega cy'ubwizerane mu bikorwa by'ubucuruzi zigomba kwandikishwa ku mwanditsi Mukuru w'amasosiyete y'ubucuruzi mu Rwanda, mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi, uhereye ku munsi ucunga iby'abandi w'umwuga yemereyeho inshingano cyangwa, niba barenze umwe, uhereye ku munsi uwa nyuma yabyemereyeho.

CHAPTER II: CREATION OF TRUSTS

Article 5: Creation of trusts

A trust shall be created voluntarily in writing by people having a mutual relationship.

The following conditions shall be met when creating a trust:

1° separation of the trust property from trustees' property;

2° transfer of the trust property to the trustees who have agreed to take on such a responsibility.

A trust may be created for a limited or unlimited period of time.

Article 6: Registration of trusts

All instruments of commercial trust shall be registered with the Registrar General of Companies in Rwanda within a period of thirty (30) working days from the date of the acceptance of the trustee commencement or if more than one trustee from the date of the last acceptance.

CHAPITRE II: CREATION DES FIDUCIES

Article 5: Création des fiducies

Une fiducie est créée volontairement et par écrit par des personnes ayant entre elles un rapport de confiance mutuelle.

Pour créer une fiducie, les conditions suivantes doivent être remplies:

1° séparation des biens de la fiducie des biens des fidéicommissaires;

2° transfert des biens de la fiducie aux fidéicommissaires ayant accepté d'assumer cette fonction.

Une fiducie peut être créée pour une durée déterminée ou indéterminée.

Article 6: Enregistrement des fiducies

Tous les actes de fiducie commerciale doivent être enregistrés auprès du Registraire Général des Sociétés Commerciales au Rwanda dans un délai de trente (30) jours ouvrables à compter de la date d'acceptation par le fidéicommissaire de sa fonction ou, en cas de plus d'un fidéicommissaire, à compter de la date de la dernière acceptation.

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena inzego zandika inyandiko zishyiraho ibigega by'ubwizerane mu bikorwa bitari iby'ubucuruzi.

Kutandikisha ikigega cy'ubwizerane mu gihe cyateganyijwe ntibigitesha agaciro, ariko ucunga iby'abandi w'umwuga aryozwa ingaruka zituruka ku kutandikishiriza ku gihe ikigega cy'ubwizerane.

Ingingo ya 7: Itangwa ry'uruhushya

Uruhushya rwo gukora kw'ikigega cy'ubwizerane rutangwa n'urwego rubifitiye ububasha, hashingiwe ku bwoko bw'imirimo cyifuza gukora.

Ingingo ya 8: Iseswa ry'ikigega cy'ubwizerane

Ikigega cy'ubwizerane gishobora guseswa bitewe n'imwe mu mpamvu zikurikira:

1° iyo ababifitemo inyungu bose babyifuje kandi ikigega cyarageze ku nshingano;

2° iyo igihe cyateganyijwe mu nyandiko ishyiraho ikigega kigeze;

3° iyo ikigega cyananiwe kwishyura imyenda cyangwa kiri mu gihombo;

4° indi mpamvu ababifitemo inyungu basanga ari ngombwa.

A Prime Minister's Order shall determine organs responsible for registering instruments of non-commercial trusts.

Failure to register the trust within the prescribed time limit shall not entail the nullity of the trust but result in the trustee being liable for any consequence arising therefrom.

Article 7: Granting of a license

The operating license for a trust shall be granted by a competent authority depending on the type of services it shall be willing to perform.

Article 8: Dissolution of a trust

A trust may be dissolved on any of the following grounds:

1° if all beneficiaries so wish and that the trust has fulfilled its mission;

2° if the period of time stated in the trust instrument expires;

3° if the trust becomes insolvent or goes bankrupt;

4° any other ground as may be deemed necessary by the beneficiaries.

Un arrêté du Premier Ministre détermine les organes chargés de l'enregistrement des actes de fiducies non commerciales.

Le non-enregistrement de la fiducie dans le délai prévu n'entraîne pas la nullité de la fiducie mais entraîne la responsabilité du fidéicommissaire au regard des conséquences qui en résultent.

Article 7 : Octroi d'une licence

La licence d'exploitation d'une fiducie est délivrée par l'organe compétent en tenant compte de la nature des services qu'elle entend rendre.

Article 8: Dissolution d'une fiducie

La dissolution d'une fiducie peut intervenir dans l'un des cas suivants:

1° si tous les bénéficiaires le souhaitent et que la fiducie a accompli sa mission;

2° si la durée indiquée dans l'acte de la fiducie arrive à échéance;

3° si la fiducie est devenue insolvable ou tombe en faillite;

4° tout autre motif que les bénéficiaires jugent nécessaire.

UMUTWE WA III: ISHORAMARI

Ingingo ya 9: Ububasha bwo gushora imari

Ucunga iby'abandi w'umwuga afite uburenganzira rusange bwo gushora imari ku mutungo w'ikigega cy'ubwizerane.

Icyakora, ubwo burenganzira ntibumuha ububasha bwo gushora imari mu bikorwa byerekeranye n'ubutaka keretse imyenda ifite ubugwate ku butaka bishingiye ku masezerano.

Ingingo ya 10: Ibigenderwaho mu gushora imari

Mu gushora imari, ibigenderwaho by'iremezo, ku byerekeye ikigega cy'ubwizerane, ni:

1° ishoramari riberanye n'ibikorwa by'ikigega;

2° ishoramari mu bikorwa bitandukanye bifitanye isano n'inshingano z'ikigega.

Ucunga iby'abandi w'umwuga agomba kwita ku bigenderwaho by'iremezo mu gushora imari kandi agomba buri gihe gukurikirana ishoramari ryakozwe n'ikigega akareba niba ibigenderwaho by'iremezo byahindurwa.

CHAPTER III: INVESTMENTS

Article 9: Powers of investment

A trustee shall have the general power to invest the trust property.

However, such power does not permit a trustee to make investments in land other than in loans secured on land.

Article 10: Investment criteria

When investing, the following investment standard criteria shall be based upon by a trust:

1° the adequacy of investment and trust activities;

2° the diversification of investments as is appropriate to the mission of the trust.

A trustee shall comply with investment standard criteria and from time to time review the investments by the trust and consider whether such standard criteria may be changed.

CHAPITRE III: INVESTISSEMENTS

Article 9: Pouvoir d'investissement

Un fidéicommissaire a le pouvoir général d'investir des biens de la fiducie.

Toutefois, ce pouvoir ne lui permet pas de réaliser des investissements fonciers sauf en cas de prêts avec garantie foncière.

Article 10: Critères d'investissement

Lors de l'investissement, des critères standards d'investissement qui doivent être tenus en compte, pour une fiducie, sont les suivants:

1° l'adéquation de l'investissement et des activités de la fiducie;

2° la diversification des investissements dans la mesure où ils sont conformes à la mission de la fiducie.

Un fidéicommissaire doit respecter des critères standards d'investissement et doit à tout moment revoir les investissements faits par la fiducie et vérifier si ces critères standards peuvent être modifiés.

Ingingo ya 11: Gusaba inama

Bitabangamiye uburenganzira bwe, ucunga iby'abandi w'umwuga, mbere yo gukoresha ububasha bwe bwo gushora imari, agomba kubanza gusaba inama zikwiye zerekeranye n'uburyo yakoresha ububasha bwe bwo gushora imari yitaye ku bigenderwaho by'iremezo mu gushora imari kandi akita kuri izo nama.

Article 11: Seeking advice

Without prejudice to his/her rights, a trustee must before exercising his/her power of investment, seek appropriate advice as to the way in which, having regard to the investment standard criteria, such power should be exercised and should follow such advice.

Article 11: Demander des conseils

Sans préjudice de ses droits, un fidéicommissaire doit, avant d'exercer son pouvoir d'investissement, demander des conseils appropriés sur la façon dont, compte tenu des critères standards d'investissement, ce pouvoir doit être exercé et doit suivre ces conseils.

Ingingo ya 12: Ishoramari ryemewe

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora, ashingiye ku nyandiko y'ubwizerane, gushora amafaranga afite, yaba ari cyangwa atari mu ishoramari muri icyo gihe, ku buryo bukurikira:

1° mu nyandiko zose zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane Leta y'u Rwanda yishingiye, inyungu ziturukaho muri icyo gihe, cyangwa mu migabane nguzanyo yatanzwe hakurikijwe amategeko;

2° mu nyandiko zose zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane zatanzwe n'Inama Njyanama y'Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere zashyizweho n'itegeko;

3° mu nyandiko zose zicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane, igiciro cyazo kiri ku rutonde rw'isoko ry'ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane;

4° mu mashami cyangwa imigabane

Article 12: Authorized investments

A trustee may invest any trust funds in his/her hands, in accordance with the trust instrument, whether at the time in a state of investment or not, in the following manner:

1° in any stocks and securities guaranteed by the Government of Rwanda, interests thereon for that time or in any bonds issued according to the laws;

2° in any bonds issued by Kigali City or District Council established under the law;

3° in any stocks, the price of which is on the list of stocks;

4° in any units or shares of any collective

Article 12: Investissements autorisés

Un fidéicommissaire peut, conformément à l'acte de fiducie, investir des fonds quelconques en fiducie mis à sa disposition de la manière suivante, que ces fonds soient ou non à l'époque considérée dans un état d'investissement:

1° dans des titres côtés sur le marché des capitaux et ceux avalisés par le Gouvernement du Rwanda, les intérêts y afférents pour cette période ou dans des obligations émises en vertu des lois;

2° dans tous les titres et valeurs émis par le Conseil de la Ville de Kigali ou du District établis en vertu de la loi;

3° dans tous les titres côtés sur le marché des capitaux et dont le prix figure sur la liste des titres cotés;

4° dans des unités ou des actions quelconques

y'ikigega cy'ishoramari cy'abishyize hamwe cyanditswe hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga ibigega by'ishoramari by'abishyize hamwe cyangwa andi mategeko yo mu Rwanda;

5° mu migabane iyo ari yo yose y'isosiyete.

Ucunga iby'abandi w'umwuga afite ubwisanzure bwo guhitamo aho ashora imari, bitabangamiye ibiteganywa n'inyandiko ishyiraho ikigega.

Ingingo ya 13: Ububasha bwo kugumana uburenganzira ku ishoramari

Ucunga iby'abandi w'umwuga agumana uburenganzira ku ishoramari ryashowe, kabone n'ubwo ryaba ritagihuye n'inyandiko y'ubwizerane igenga ikigega cy'ishoramari cyangwa n'amategeko byashingiweho ishoramari rikorwa.

Ingingo ya 14: Imyenda n'ishoramari by'abacunga iby'abandi b'umwuga bidafatwa nk'ikosa

Ucunga iby'abandi w'umwuga utanze umwenda w'amafaranga ahawe ingwate ntafatwa nk'uwakoze ikosa hagereranyijwe itandukaniro riri hagati y'amafaranga y'umwenda n'agaciro k'umutungo watanzweho ingwate mu gihe umwenda watangwaga.

investment scheme registered under the Law regulating collective investment schemes or other laws applicable in Rwanda;

5° in any shares of a company.

A trustee shall have discretion to make any investment of his/her choice as long as he/she does not contravene the terms and conditions of the trust instrument.

Article 13: Power to retain the right to investment

A trustee shall retain the right to any investment made even if that investment no longer fits within the trust instrument or laws applicable at the time of investment.

Article 14: Loans and investments by trustees not considered as a fault

A trustee who lends money upon guarantee shall not be considered as at fault by considering the difference between the amount of the loan and the value of the asset pledged at the time the loan was granted.

d'un fonds d'investissement collectif enregistré conformément à la loi portant régulation des fonds d'investissement collectifs ou d'autres lois applicables au Rwanda;

5° dans des actions quelconques d'une société.

Un fidéicommissaire a le pouvoir discrétionnaire de faire un choix d'investissement à condition qu'il se conforme aux dispositions de l'acte de fiducie.

Article 13: Pouvoir de conserver le droit sur l'investissement

Un fidéicommissaire conserve le droit sur l'investissement même si celui-ci ne cadre plus avec l'acte de fiducie ou les lois qui avaient servi de base au moment de l'investissement.

Article 14: Prêts et investissements des fidéicommissaires qui ne sont pas considérés comme une faute

Un fidéicommissaire qui effectue un prêt d'argent moyennant garantie n'est pas considéré comme ayant commis une faute si l'on tient compte de la différence entre le montant du prêt et la valeur du bien donné en garantie au moment de l'octroi du prêt.

Ingingo ya 15: Uburyozwe mu gihe cy'igihombo gitewe n'ishoramari ridakwiye

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga atanze amafaranga y'ikigega mu buryo budakwiye mu bugwate ku mutungo utimukanwa kandi ayo mafaranga yashoboraga kuba igishoro gikwiye ku mubare w'amafaranga uri munsi y'ayo yatanze, iyo ngwate ifatwa nk'ishoramari ryemewe kuri uwo mubare muto w'amafaranga, ucunga iby'abandi w'umwuga akaryozwa umubare w'amafaranga urengaho n'inyungu yayo.

Article 15: Liability for loss due to improper investment

Where a trustee improperly invests trust money upon a mortgage which would at the time of the investment be a proper investment in all respects for a smaller amount than is actually advanced thereon, the security shall be deemed an authorized investment for the smaller amount, and the trustee shall only be liable for the amount advanced in excess thereof, with interest.

Article 15: Responsabilité en cas de perte résultant d'un investissement inapproprié

Lorsqu'un fidéicommissaire donne de manière inappropriée l'argent de la fiducie contre une hypothèque qui, au moment de l'investissement, constituerait à tous égards un investissement adéquat pour un montant moins important que celui qui est effectivement avancé en contrepartie de cette garantie, cet investissement est considéré comme autorisé à concurrence de ce montant moins important et le fidéicommissaire est tenu uniquement responsable pour le montant avancé en excédent de ce montant majoré des intérêts.

Ingingo ya 16: Ububasha bwo kubitsa amafaranga muri banki no kwishyura amafaranga y'ihamagarira kugura imigabane

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora, mu gihe hariho imishyikirano n'itegurwa ry'ingwate ku mutungo utimukanwa cyangwa indi nyandiko itanga uburenganzira ku mutungo, kwishyura amafaranga y'ikigega muri banki kuri konti yo kubitsa, cyangwa ku yindi konti kandi inyungu zose, mu gihe zihari, zakwishyurwa kubera uko kubitsa zifatwa nk'ibyinjijwe mu kigega.

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora gukoresha amafaranga y'imari shingiro y'ikigega mu kwishyura amafaranga y'ihamagarira kugura imigabane byakozwe n'icyo kigega.

Article 16: Powers to bank money and to pay expenses related to public offer for subscription

Pending the negotiation and preparation of any mortgage, or any other written agreement giving right to the property, a trustee may deposit any trust money into a bank to a saving account or other account and all interest, if any, payable in respect thereof, shall be applied as income.

A trustee may apply trust share capital in payment of expenses related to a public offer for subscription carried out by the same trust.

Article 16: Pouvoir d'effectuer les dépots d'argent en banque et de payer des frais liés à l'appel public de fonds

En attendant la négociation et la préparation d'une hypothèque ou de tout autre document écrit attestant un droit sur les biens, un fidéicommissaire peut, déposer les fonds d'une fiducie dans une banque sur un compte de dépôt ou un autre compte et, tout intérêt y afférent, s'il y a lieu, est comptabilisé comme revenu.

Un fidéicommissaire peut utiliser le capital de la fiducie pour le paiement des appels publics de fonds effectués par la même fiducie.

Ingingo ya 17: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo kugurisha no kugura mu cyamunara

Iyo ucunga iby'abandi w'umwuga yahawe ububasha bwo kugurisha no kugura umutungo, ashobora kugurisha cyangwa gufatanya n'undi muntu kugurisha umutungo wose cyangwa igice cyawo, habanje kwishyurwa amafaranga asabwa, yaba umutungo wose hamwe cyangwa mu byiciro, yaba mu cyamunara cyangwa mu bwumvikane n'umuguzi, hakurikijwe n'ikindi cyose ucunga iby'abandi w'umwuga yabona ko gikwiye kirebana n'inyandiko mpamyamutungo cyangwa ikimenyetso. Afite n'ububasha bwo guhindura amasezerano yose y'ubuguzi, kugura mu cyamunara iyo ariyo yose, cyangwa gusesa amasezerano yose y'ubuguzi no kongera kugurisha atabazwa igihombo icyo aricyo cyose.

Article 17: Power of a trustee to sell and buy by auction

Where a trustee is vested with power for sale and buy of the property, he/she may sell or concur with any other person in selling all or any part of the property subject to prior charges either in whole or in lots, by public auction or by private contract, subject to any conditions the trustee deems necessary and relating to the title of the property or its evidence. He/she has also power to vary any contract for sale, to buy in at any auction, or to rescind any contract for sale and to resell, without being answerable for any loss.

Article 17: Pouvoir d'un fidéicommissaire de vendre et d'acheter aux enchères

Lorsqu'un fidéicommissaire est investi du pouvoir de vendre ou d'acheter des biens, il peut vendre ou s'associer avec une autre personne pour vendre la totalité ou une partie des biens, après payement des frais, soit en tout ou en partie, par vente aux enchères publiques ou en accord avec le client, conformément à toute autre condition que le fidéicommissaire juge nécessaire eu égard au titre de propriété ou à la preuve du titre de propriété. Il a également le pouvoir de modifier tout contrat de vente, d'acheter à toute vente aux enchères ou de résilier tout contrat de vente et de revendre sans être tenu responsable de toute perte que ce soit.

Ingingo ya 18: Ububasha bwo kugurisha umutungo habayeho igabanuka ry'agaciro kawo

Amasezerano y'ubuguzi yakozwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga ntateshwa agaciro n'uyafitemo inyungu yitwaje ko habayeho kugabanuka kw'agaciro k'umuntungo, keretse bigaragaye ko ingurane itari ikwiye koko.

Nta na rimwe igikorwa cyo gutesha agaciro amasezerano y'ubuguzi yakozwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga gishobora kugira ingaruka ku muguzi mu gihe ihererekanyamutungo ryarangiye hitwajwe ko hari icyasabwaga

Article 18: Powers to sell a property in case of depreciation of value

A sale made by a trustee shall not be nullified by beneficiary upon the ground that there was depreciation of the value of the property, unless it appears that the consideration was inadequate.

A sale made by a trustee shall not be nullified after the execution of the conveyance against the purchaser upon the ground that there was depreciation of the value of the property, unless it appears that the purchaser was acting in

Article 18: Pouvoir de vente des biens en cas de dépréciation de leur valeur

Aucune vente effectuée par un fidéicommissaire ne peut être annulée sur demande d'un bénéficiaire au motif de la dépréciation de la valeur des biens, à moins qu'il soit évident que la contrepartie a été inadéquate.

Aucune vente effectuée par un fidéicommissaire ne peut être annuleé au détriment de l'acheteur, après l'acte de transfert de propriété, au motif de non respect des procédures requises qui auraient provoqué la dépréciation de la valeur du bien, à

kitubahirijwe cyatumye habaho igabanuka ry'agaciro k'umuntungo, keretse mu gihe bigaragara ko umuguzi yari yabyumvikanyeho mu buriganya n'ucunga iby'abandi w'umwuga mu gihe amasezerano y'ubuguzi yakorwaga.

collusion with the trustee at the time when the sale agreement was made.

moins qu'il apparaisse évident que l'acheteur ait agi de manière frauduleuse de concert avec le fidéicommissaire lors de la conclusion du contrat de vente.

Ingingo ya 19: Ububasha bw'ucunga iby'abandi w'umwuga bwo gutanga inyemezabwishyu

Inyemezabwishyu yanditse itanzwe n'ucunga iby'abandi w'umwuga igaragaza amafaranga, ibicuruzwa ku isoko ry'imari n'imigabane cyangwa undi mutungo wimukanwa cyangwa ikintu yishyuye, aherererekanyije cyangwa ahawe kubera ububasha bwo gucunga iby'abandi afite ni ikimenyetso gihagije ku muntu wishyuye, uherererekanyije umutungo cyangwa uwutanze kandi bimuvaniraho uburyozwe bwose bujyanye n'igihombo cyangwa ikoreshwa ribi ryawo.

Article 19: Powers of a trustee to issue receipts

The written receipt issued by a trustee which shows any money, stocks or other movable property or anything paid, transferred or delivered to him/her in the powers of trustee shall be a sufficient discharge to the person paying, transferring or delivering them and shall exonerate him/her being answerable for any loss or misuse thereof.

Article 19: Pouvoir du fidéicommissaire d'émettre des récépissés

Le récépissé écrit d'un fidéicommissaire qui mentionne la somme d'argent, les titres ou autres biens meubles ou toute chose payés, transférés ou lui délivrés en vertu de tout pouvoir de fidéicommissaire, constitue une preuve suffisante de la personne qui paie, transfère ou livre les biens et la libère de toute responsabilité pour leur perte ou leur utilisation irrégulière.

Ingingo ya 20: Ububasha bwo gukusanya imyenda yishyurwa n'iyishyuzwa

Uhagarariye umuntu ku giti cye, cyangwa abacunga iby'abandi b'umwuga babiri cyangwa benshi bakorera hamwe bemerewe gukora ibikorwa mu mwanya w'abo bahagarariye, bashobora mu gihe bumva ko bikwiye-

1° kwakira umutungo uwo ari wo wose, wimukanwa cyangwa utimukanwa mbere y'uko igihe ugomba guherererekanywa cyangwa kwishyurirwa kigera;

Article 20: Powers to deal with debtors and creditors

An agent, or two or more trustees acting together authorized to execute the trusts on behalf of the persons they represent, may, if deemed necessary:

1° accept any property, movable or immovable, before the time at which it is made transferable or payable;

Article 20: Pouvoir de collecter les dettes et les créances

Un représentant ou deux ou plusieurs fidéicommissaires agissant ensemble autorisés à exécuter les fiducies au nom des personnes qu'ils représentent, peuvent, s'ils le jugent opportun:

1° accepter tout bien, meuble ou immeuble avant la période de transfert ou de payement;

2° gutandukanya cyangwa gucamo ibice amafaranga cyangwa umutungo w'ikigega wari wavanzwe;	2° separate or break up any mixed trust funds or property;	2° dissocier ou partager les fonds ou le patrimoine fusionné(s) de la fiducie;
3° kwishyura cyangwa kwemera umwenda hagaragajwe ikimenyetso abona ko gihagije;	3° pay or accept any debt on any evidence that they think sufficient;	3° payer ou accepter toute dette sur base d'une preuve qu'ils jugent suffisante;
4° kwemera ingwate iyo ari yo yose, yaba ku mutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa, ku mwenda uwo ari wo wose cyangwa mu mutungo uwo ari wo wose, waba uwimukanwa cyangwa utimukanwa;	4° accept any guarantee on any movable or immovable property, for any debt or for any movable or immovable property;	4° accepter toute sûreté sur un bien meuble ou immeuble, pour toute créance ou tout bien meuble ou immeuble;
5° kwemeza igihe icyo ari cyo cyose ko umwenda wakwishyurwa.	5° accept any time for payment of any debt.	5° accepter à tout moment qu'une dette soit remboursée.

<u>Ingingo ya 21</u>: Ububasha bwo gukusanya amafaranga

Iyo inyandiko ishyiraho ikigega cyangwa itegeko byemerera abacunga iby'abandi b'umwuga kwishyura cyangwa gukoresha amafaranga y'ikigega ku mpamvu iyo ari yo yose cyangwa ku buryo ubwo ari bwo bwose, bafatwa buri gihe nk'abafite ububasha bwo gukusanya ayo mafaranga asabwa mu igurisha, igurana, ihamagara cyangwa igwatiriza by'umutungo w'ikigega cyangwa igice cyawo muri icyo gihe bafite uwo mutungo.

Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ntibikurikizwa ku bacunga iby'abandi b'umwuga bacunga umutungo ugamije gufasha abatishoboye.

<u>Article 21:</u> Powers to raise money

Where the trust instrument or law authorizes trustees to pay or apply trust funds for any purpose or in any manner, they shall be deemed always to have had power to raise the money required by sale, conversion, public offer for subscription or pledge of all or any part of the trust property for the time being in possession of the assets.

However, the provisions of Paragraph One of this Article shall not apply to trustees of property held for charitable purposes.

<u>Article 21</u>: Pouvoir de collecter de l'argent

Lorsque un acte de fiducie ou une loi autorise les fidéicommissaires à payer ou à affecter les fonds de la fiducie à une fin quelconque ou de quelque façon que ce soit, ils sont toujours réputés avoir le pouvoir de collecter de l'argent exigé à la vente, à la conversion, à l'appel public de fonds ou de donner en garantie la totalité ou une partie des biens de la fiducie présentement en leur possession.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas aux fidéicommissaires administrant le patrimoine destiné à des fins caritatives.

Ingingo ya 22: Kurinda abaguzi n'abahawe ingwate bagirana amasezerano n'abacunga iby'abandi b'umwuga

Umuguzi cyangwa uhawe ingwate, wishyuye cyangwa utanze avansi y'amafaranga mu igurisha cyangwa mu masezerano y'ubugwate agirana n'abacunga iby'abandi b'umwuga, ntagira icyo aryozwa mu gihe amafaranga yatanze, ayasabwe cyangwa ayabonetse atangana n'ayifuzwaga.

Ingingo ya 23: Itangwa ry'ububasha

Ububasha buhawe abacunga iby'abandi b'umwuga babiri cyangwa benshi mu gihe kimwe bushobora gukoreshwa n'ababasimbuye by'agateganyo mu gihe bigishoboka kugeza igihe hazashyirirwaho abandi bacunga iby'abandi b'umwuga bashya.

UMUTWE WA IV: UBUBASHA BW'ABACUNGA IBY'ABANDI B'UMWUGA

Ingingo ya 24: Ububasha bwo gufata ubwishingizi

Ucunga iby'abandi w'umwuga ashobora gufata ubwishingizi bw'inyubako cyangwa undi mutungo wose ku byakwangirika biturutse ku nkongi y'umuriro, hiyongereyeho ubundi bwishingizi bwaba busanzweho ku gaciro kose k'inyubako cyangwa umutungo akishyura amafaranga y'ubwishingizi ku mafaranga yinjiza cyangwa aturuka ku wundi mutungo w'ikigega atabanje gusaba ko undi muntu waba afite

Article 22: Protection of purchasers and preferential creditors dealing with trustees

A purchaser or a preferential creditor, paying or advancing money on a sale or guarantee entered into with trustees, shall not be liable if any money granted, needed or raised is not proportional to that was expected.

Article 23: Devolution of powers

Power devolved to two or more trustees jointly, may be exercised by their temporary successors whenever possible until the appointment of new trustees.

CHAPTER IV: POWERS OF TRUSTEES

Article 24: Powers to subscribe insurance

A trustee may subscribe insurance against any loss or damage by fire for any building or other property, in addition to any existing insurance to cover the full value of the building or other property and pay the premiums for that insurance out of the income thereof or out of the income of any other property of the trust without obtaining the consent of any person who may be entitled wholly or partly to that property.

Article 22: Protection des acheteurs et des créanciers privilégiés traitant avec les fidéicommissaires

Ingingo ya 9: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa	**Article 9: Executive Secretariat**	**Article 9: Secrétariat Exécutif**
Ingingo ya 10: Imiterere y'inzego z'imirimo n'abakozi	**Article 10: Organizational structure and personnel**	**Article 10: Structure organisationnelle et personnel**
UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI	**CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE**	**CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES**
Ingingo ya 11: Umutungo w'Ubunyamabanga	**Article 11: Property of the Secretariat**	**Article 11 : Ressources du Secrétariat**
Ingingo ya 12: Iyimurwa ry'umutungo	**Article 12: Transfer of patrimony**	**Article 12: Transfert du patrimoine**
Ingingo ya 13: Imicungire n'igenzurwa ry'umutungo	**Article 13: Management and audit of property**	**Article 13 : Gestion et audit du patrimoine**
Ingingo ya 14: Ingengo y'imari	**Article 14: Budget**	**Article 14 : Budget**
Ingingo ya 15: Raporo y'imari	**Article 15: Financial report**	**Article 15 : Rapport financier**
UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER V: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 16: Abashinzwe kubahiriza iri teka	**Article 16: Authorities entrusted with the implementation of this Order**	**Article 16: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 17: Repealing provision**	**Article 17: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 18: Igihe iteka ritangira gukurikizwa	**Article 18: Commencement**	**Article 18: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°157bis/03 RYO KUWA 24/05/2013 RISHYIRAHO UBUNYAMABANGA BW'IGIHUGU BWO KONGERA UBUSHOBOZI (NCBS) KANDI RIKAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYABWO

Minisitiri w'Intebe,

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 118, iya 119, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko nº 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta;

Asubiye ku Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº 56/03 ryo kuwa 14/08/2009 rishyiraho Ubunyamabanga bwo kongerera abakozi ba Leta ubushobozi (PSCBS) kandi rikagena inshingano, imitere n'imikorere byabwo;

Bisabwe na Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;

Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 24/04/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

PRIME MINISTER'S ORDER N° 157bis /03 OF 24/05/2013 ESTABLISHING NATIONAL CAPACITY BUILDING SECRETARIAT (NCBS) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANIZATION AND FUNCTIONING

The Prime Minister,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003, as amended to date especially in Articles 118, 119, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on General Statutes for Rwanda Public Service;

Having revised the Prime Minister's Order nº 56/03 of 14/08/2009 establishing and determining the responsibilities, organization and functioning of the Public Sector Capacity Building Secretariat (PSCBS);

On proposal by the Minister of Finance and Economic Planning;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 24/04/2013;

HEREBY ORDERS:

ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°157bis/03 DU 24/05/2013 PORTANT CREATION DU SECRETARIAT NATIONAL DE RENFORCEMENT DES CAPACITES (NCBS) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Le Premier Ministre,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 118, 119, 121et 201;

Vu la Loi nº 22/2002 of 09/072002 portant Statut Général de la Fonction Publique;

Revu l'Arrêté du Premier Ministre nº 56/03 du 14/08//2009 portant création du Secrétariat de renforcement des capacités du Secteur Public (PSCBS) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement;

Sur proposition du Ministre des Finances et de la Planification Economique;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 24/04/2013;

ARRETE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rishyiraho Ubunyamabanga bw'Igihugu bwo kongera Ubushobozi "NCBS" mu magambo ahinnye y'ururimi rw'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byabwo.

NCBS ni serivisi yihariye ifite ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo kandi icungwa hakurikijwe amategeko agenga inzego z'imirimo ya Leta.

Ingingo ya 2: Icyicaro cya NCBS

Icyicaro cya NCBS kiri mu Mujyi wa Kigali.

Ingingo ya 3: Urwego rureberera NCBS

NCBS irebererwa na Minisiteri ifite igenamigambi mu nshingano zayo.

UMUTWE WA II: INSHINGANO

Ingingo ya 4: Inshingano za NCBS

Inshingano z'ingenzi za NCBS ni izi zikurikira:

1º gucunga ikigega cya Leta gishinzwe kongera ubushobozi mu nzego z'imirimo ya Leta no gukurikirana imikorere

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order establishes the National Capacity Building Secretariat abbreviated as "NCBS" and determines its mission, organization and functioning.

NCBS shall operate as a specialized service with administrative and financial autonomy and be governed in accordance with laws governing public service.

Article 2: Head Office of NCBS

The Head Office of NCBS is located in the City of Kigali.

Article 3: Supervising authority of NCBS

NCBS shall be under the supervision of the Ministry in charge of economic planning.

CHAPTER II: MISSION

Article 4: Mission of NCBS

The NCBS shall have the following main mission:

1º to manage the national Capacity Building Fund and carry out implementation oversight of other capacity building

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté porte création du Secrétariat National de Renforcement des Capacités "NCBS" en sigle anglais. Il détermine aussi ses missions, son organisation et son fonctionnement.

NCBS opère comme un service spécialisé et est doté de l'autonomie administrative et financière. Il est géré conformément aux lois relatives à la fonction publique.

Article 2: Siège de NCBS

Le siège de NCBS est établi dans la Ville de Kigali.

Article 3: Autorité de tutelle de NCBS

NCBS est placé sous tutelle du Ministère ayant la planification dans ses attributions.

CHAPITRE II: MISSIONS

Article 4 : Missions du NCBS

Les principales missions du NCBS sont les suivantes:

1º gérer le Fonds National de Renforcement des capacités et assurer la supervision du fonctionnement et de la gestion des autres

n'imicungire y'ibindi bigega by'izindi nzego bishinzwe kongera ubushobozi;

2º guhuza no gukurikirana ibikorwa bijyanye no kubaka ubushobozi haba mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera;

3º gushakisha umutungo ukenewe mu bijyanye no kubaka ubushobozi, haba mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera;

4º gushyiraho no gukwirakwiza ibikoresho byo kongera ubushobozi, inyigisho n'udutabo tuyobora abadukoresha, hagendewe ku mikorere myiza iba ahandi;

5º gufasha mu rwego rwa tekiniki inzego za Leta mu bijyanye no gusuzuma ibikenewe mu kubaka ubushobozi bw'abakozi no gushyiraho uburyo bunoze mu ngamba, gahunda n'ingengo y'imari bijyanye no kubaka ubushobozi;

6º gushyiraho, kunoza no kumenyekanisha ububiko bugaragaza ubumenyi buri mu gihugu n'ubukenewe;

7º guhuza ibikorwa bijyanye no guhanahana ubumenyi no gushyira mu bikorwa gahunda yo kwimenyereza umurimo;

8º guhuza ibikorwa bijyanye no kubaka ubushobozi mu buryo buhoraho mu byerekeye porogaramu zo kongera

pooled funds in the sectors;

2º to coordinate and monitor all capacity building interventions in the Public Sector and Private Sector;

3º to mobilize resources required for implementation of capacity building initiatives in the public and private sector;

4º to develop and disseminate capacity building tools, templates and user guides referenced on global best practices;

5º to provide technical support to Public organs to conduct their capacity needs assessments and provide quality assurance of their capacity building strategies, plans and budgets;

6º to establish, update and disseminate a national data base of skills available and skills required;

7º to coordinate knowledge transfer process and implement internship programs;

8º to coordinate continuing professional development with regard to area of skills-upgrading programs;

fonds sectoriels de renforcement des capacités;

2º coordonner et faire le suivi des interventions dans le domaine du renforcement des capacités tant dans le secteur public que privé;

3º mobiliser les ressources nécessaires dans le domaine de renforcement des capacités tant dans le secteur public que privé;

4º développer et diffuser des outils de renforcement des capacités, des modèles et des guides des utilisateurs basés sur les meilleures pratiques;

5º fournir un appui technique aux organes publics dans l'évaluation des besoins en capacités et assurer la qualité de leurs stratégies, planification et budgets en matière de renforcement des capacités;

6º établir, mettre à jour et diffuser une base de données pour les capacités qui existent et celles dont on a besoin au niveau national;

7º coordonner le processus de transfert des connaissances et mettre en exécution le programme national d'apprentissage;

8º coordonner le développement professionnel continu dans le cadre des programmes de réajustement des

ubumenyi bukenewe;

9º gusuzuma ibikorwa bijyanye no kubaka ubushobozi mu buryo buhoraho ku bakozi bo nzego za Leta n'ikoreshwa neza ry'ingengo y'imari mu bikorwa byo kubaka ubushobozi, haba mu nzego za Leta cyangwa iz'abikorera;

10º gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere no mu rwego mpuzamahanga bihuje inshigano;

11º gutegura no kumenyekanisha buri mwaka raporo ijyanye no kongera ubushobozi mu nzego zihutirwa.

UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE

Ingingo ya 5: Inzego

NCBS igizwe n'inzego z'ubuyobozi zikurikira:

1º Komite y'Ubuyobozi;
2º Ubunyamabanga Nshingwabikorwa.

Ingingo ya 6: Inshingano za Komite y'Ubuyobozi

Komite y'Ubuyobozi ikora nk'Inama y'Ubuyobozi ikaba ishinzwe gukurikirana no guhuza ibikorwa bya NCBS.

connaissances ;

9º to monitor progress, assess impact and value for money of capacity building activities across the public and private sector;

10º to cooperate and collaborate with other regional and international institutions having similar responsibilities;

11º to prepare and disseminate an annual report on the state of capacity in priority sectors.

CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING

Article 5: Organs

NCBS shall be comprised of the following administrative organs:

1º the Governing Steering Committee;
2º the Executive Secretariat.

Article 6: Responsibilities of the Governing Steering Committee

The Governing Steering Committee shall act as the "Board of Directors" and be in charge of monitoring and coordinating the activities of NCBS.

9º suivre les progrès, évaluer l'impact et une bonne optimisation des ressources dans les activités de renforcement des capacités, tant dans le secteur public que privé;

10º coopérer et collaborer avec d'autres institutions ayant les missions similaires, tant au niveau régional qu'international;

11º préparer et diffuser un rapport annuel sur l'état des capacités dans les secteurs prioritaires.

CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT

Article 5: Organes

NCBS est composé des organes administratifs suivants:

1º le Comité Technique de Pilotage;
2º le Secrétariat Exécutif.

Article 6: Attributions du Comité de Pilotage

Le Comité de Pilotage agit comme un «Conseil d'Administration» avec mission de supervision et de coordination des activités du NCBS.

Komite y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:

1° kwemeza icyerekezo cy'ibikorwa, gahunda y'ibikorwa n'ingengo y'imari n'igenamigambi byakusanyijwe na NCBS ibikuye mu byateguwe n'inzego zose zishinzwe kongera ubushobozi bw'abakozi;

2° kwemeza raporo za NCBS z'umwaka zirebana n'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari;

3° kwemeza amategeko ngengamikorere ya NCBS;

4° kwemeza inyandiko zisobanura imikorere ya NCBS;

5° kwemeza ishyirwaho ry'abakozi ba NCBS;

6° gusuzuma imikorere y'ibikorwa n'imishinga icungwa na NCBS.

Inama y'Ubuyobozi ya NCBS isinyana na Minisiteri ifite igenamigambi mu nshingano zayo amasezerano yitwa « Imihigo» akubiyemo ibikorwa by'umwaka.

Ingingo ya 7: Abagize Komite y'Ubuyobozi

Komite y'Ubuyobozi igizwe n'aba bakurikira:

The Governing Steering Committee shall have the following responsibilities:

1° to approve the strategic plan, annual action plans and budget prepared by NCBS incorporating information from all capacity building institutions;

2° to approve the NCBS annual activity and financial reports;

3° to approve internal rules and regulations governing NCBS;

4° to approve the program operational manuals of NCBS;

5° to approve recruitment of personnel of NCBS;

6° to appraise the performance of projects and activities coordinated by NCBS.

There shall be a one year performance contract "*Imihigo*" between the Ministry in charge of Economic Planning and the Governing Steering Committee.

Article 7: Membership of the Governing Steering Committee

The Governing Steering Committee shall comprise of the following:

Le Comité de Pilotage a les attributions suivantes:

1° approuver le plan stratégique, les plans d'actions et budgets annuels consolidés par le NCBS incluant toutes les données fournies par les institutions ayant dans leurs attributions le renforcement des capacités;

2° approuver les rapports annuels d'activités et des finances du NCBS;

3° approuver le règlement d'ordre intérieur du NCBS;

4° approuver les manuels de procédures opérationnelles du programme de NCBS;

5° approuver le recrutement du personnel de NCBS;

6° évaluer la performance des projets sous coordination du NCBS.

Le Comité de Pilotage du NCBS et le Ministère ayant la planification dans ses attributions signent un contrat de performance « *Imihigo*» indiquant les activités à exécuter au cours de l'année.

Article 7: Composition du Comité de Pilotage

Le Comité de Pilotage est composé du:

1º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite igenamigambi nshingano zayo, akaba ari na we uyiyobora:	1º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of Economic Planning who shall be the Chairperson:	1º Secrétaire Permanent au Ministère ayant la planification économique dans ses attributions, qui en est le Président:
2º Umuyobozi Mukuru w'Urugaga rw'Abikorera, ari na we wungiriza uyiyobora;	2º the Chief Executive Officer of the Private Sector Federation, who shall be the Deputy Chairperson;	2º Directeur Général en Chef (CEO) de la Fédération Rwandaise du Secteur privé, qui en est le Vice Président;
3º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite Uburezi mu nshingano zayo;	3º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of Education;	3º Secrétaire Permanent au Ministère ayant l'éducation dans ses attributions;
4º Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri ifite ubutegetsi bw'Igihugu mu nshingano zayo;	4º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of Local Government;	4º Secrétaire Permanent au Ministère ayant l'administration locale dans ses attributions;
5º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite ibikorwa remezo mu nshingano zayo;	5º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of Infrastructure;	5º Secrétaire Permanent au Ministère ayant les infrastructures dans ses attributions;
6º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite ubucuruzi n'inganda mu nshingano zayo;	6º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of trade and industry;	6º Secrétaire Permanent au Ministère ayant le commerce et l'industrie dans ses attributions;
7º Umunyamabanga Uhoraho muri Minisiteri ifite ubuhinzi n'ubworozi mu nshingano zayo;	7º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of Agriculture and Animal Resources;	7º Secrétaire Permanent du Ministère ayant l'agriculture et les ressources animales dans ses attributions;
8º Umunyamabanga Uhoraho muri Ministeri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo;	8º the Permanent Secretary in the Ministry in charge of Public Service;	8º Secrétaire Permanent au Ministère ayant la fonction Publique dans ses attributions;
9º Umuyobozi Mukuru wa Komisiyo y'Igihugu ishinzwe siyansi n'ikoranabuhanga;	9º the Executive Director of the National Science and Technology Commission;	9º Directeur Général de la Commission Nationale de la Science et la Technologie;
10º Umuyobozi Mukuru ushinzwe Ikigo cyo gusesengura politiki no gukora	10º the Executive Director of the Institute of Policy Analysis and Research;	10º Directeur Exécutif de l'Institut d'Analyse des Politiques et de la Recherche;

ubushakashatsi;

11º Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCBS, uyibera umwanditsi ariko ntagire uburenganzira mu gufata ibyemezo.

11º the Executive Secretary of NCBS who shall be the Secretary to the Committee, but not entitled to vote in the decision making.

11º Secrétaire Exécutif du NCBS qui en est le rapporteur, mais sans voix délibérative.

Ingingo ya 8: Itumirwa n'iterana ry'inama za Komite y'Ubuyobozi

Inama ya Komite y'Ubuyobozi ya NCBS iterana buri gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa.

Inama iterana iyo nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize babonetse.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama ya Komite y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi irindwi (7) ngo inama iterane. Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.

Ibyemezo by'inama bishyirwaho umukono n'abaje mu nama, kopi yabyo ikohererezwa Minisitiri ufite igenamigambi mu nshingano ze mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7).

Komite y'Ubuyobozi ishobora gutumira, igihe cyose bibaye ngombwa, undi muntu wese ibona ko yayigira inama, ariko ntagire uburenganzira bwo gutora mu gihe cyo gufata ibyemezo.

Article 8: Convening and holding meetings of the Governing Steering Committee

The meeting of the Governing Steering Committee of NCBS shall be held once every quarter and whenever deemed necessary.

The Governing Steering Committee convenes upon attendance of at least two-third (2/3) of its members.

The invitation shall be submitted in writing to the Steering Committee members at least seven (7) days before the meeting is held. However, an extraordinary meeting shall be convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.

Resolutions of the meeting of the Steering Committee shall be signed by its members present and a copy sent to the Minister in charge of Economic planning in a period not exceeding seven (7) days from the date of the meeting.

The Steering Committee may, whenever necessary, invite any other person from whom it may seek advice, but who shall not be entitled to vote in decision making.

Article 8: Convocation et tenue des réunions du Comité de Pilotage

Le Comité de Pilotage du NCBS se réunit une fois par trimestre et chaque fois que de besoin.

Le Comité de Pilotage ne peut siéger valablement que lorsqu'au moins deux-tiers (2/3) des membres sont présents.

La convocation est faite par écrit et adressée aux membres du Comité de Pilotage au moins sept (7) jours avant la réunion. Cependant, la réunion extraordinaire est convoquée au moins trois (3) jours avant sa tenue.

Les résolutions du Comité de Pilotage sont signées par les membres présents et une copie doit être envoyée au Ministre ayant la planification dans ses attributions au moins sept (7) jours après la date de la tenue de la réunion.

Le Comité de Pilotage peut inviter toute autre personne qu'il juge nécessaire pour lui donner des conseils, sans voix délibérative.

Ingingo ya 9: Ubunyamabanga Nshingwabikorwa

Inshingano za NCBS zishyirwa mu bikorwa n'Ubunyamabanga Nshingwabikorwa buyoborwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa ushyirwaho kandi agakurwaho n'iteka rya Minisitiri w'Intebe.
Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashinzwe ibi bikurikira:

1º gucunga umutungo, imari n'abakozi ba NCBS;

2º gutegura icyerekezo cya gahunda y'ibikorwa, gahunda y'ibikorwa ya buri mwaka n'ingengo y'imari bya NCBS;

3º gutegura raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari ya buri mwaka bya NCBS;

4º gushyira mu bikorwa ibyemezo byafashwe n'Inama y'Ubuyobozi ya NCBS.

Inama y'Ubuyobozi ya NCBS isinyana n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa amasezerano yitwa « Imihigo » akubiyemo ibikorwa by'umwaka.

Article 9: Executive Secretariat

NCBS daily activities are carried out by an Executive Secretariat presided over by the Executive Secretariat who shall be appointed and removed from office by a Prime Minister's Order.
The Executive Secretary shall have the following responsibilities:

1º to manage the property, finances and human resources of NCBS;

2º to prepare the strategic plan, annual action plan and budget of NCBS;

3º to prepare annual activity and financial reports of NCBS;

4º to implement decisions taken by the Steering Committee of NCBS.

There shall be a performance contract *"Imihigo"* between the Steering Committee and the Executive Secretary indicating the activities to be accomplished annually.

Article 9: Secrétariat Exécutif

Les activités journalières de NCBS sont menées par un Secrétariat Exécutif dirigé par un Secrétaire Exécutif qui est nommé et révoqué par arrêté du Premier Ministre.
Le Secrétaire Exécutif a les attributions suivantes:

1º gérer le patrimoine et les ressources humaines et financières du NCBS;

2º préparer le plan stratégique, le plan d'action annuel et le budget du NCBS;

3º préparer les rapports annuels d'activités et des finances du NCBS;

4º assurer l'exécution des décisions prises par le Comité de Pilotage du NCBS.

Le Comité de Pilotage du NCBS et le Secrétaire Exécutif signent un contrat de performance «*Imihigo*» indiquant les activités à exécuter au cours de l'année.

Ingingo ya 10: Imiterere y'inzego z'imirimo n'abakozi

Imiterere y'inzego z'imirimo n'imyanya y'imirimo bya NCBS biri ku mugereka w'iri teka.

Article 10: Organizational structure and personnel

The Organizational structure and job positions of NCBS are annexed to this Order.

Article 10: Structure organisationnelle et personnel

La structure organisationnelle et la synthèse des emplois du NCBS sont annexées au présent arrêté.

Imishahara n'ibindi bigenerwa Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'abandi bakozi bishyirwaho hakurikijwe ibiteganywa mu mategeko agenga abakozi ba Leta.

Salaries and Benefits entitled to the Executive Secretary and personnel of the Executive Secretariat shall be determined in accordance with the legal provisions applicable to public servants.

Les salaires et autres avantages alloués au Secrétaire Exécutif et au personnel du Secrétariat Exécutif sont déterminés suivant les dispositions légales régissant la fonction publique.

UMUTWE WA IV: UMUTUNGO N'IMARI

CHAPTER IV: PROPERTY AND FINANCE

CHAPITRE IV: PATRIMOINE ET FINANCES

Ingingo ya 11: Umutungo wa NCBS

Umutungo wa NCBS ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa.

Umutungo wa NCBS ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° ingengo y'imari igenerwa na Leta;
2° inkunga, zaba iza Leta cyangwa iz'abaterankunga;
3° ibituruka ku mirimo ikora;
4° impano n'indagano.

Article 11: Property of NCBS

The property of NCBS shall comprise of movables and immovables.

The property of NCBS shall come from the following:

1° the State budget allocation;
2° the Government or Donors grant;
3° the funds from its services;
4° the donation and bequest.

Article 11: Ressources du NCBS

Le patrimoine du NCBS comprend les biens meubles et immeubles.

Le patrimoine du NCBS provient des sources suivantes:

1° les dotations budgétaires de l'Etat;
2° les subventions de l'Etat ou des donateurs;
3° le produit de ses services;
4° les dons et legs.

Ingingo ya 12: Iyimurwa ry'umutungo

Imitungo yimukanwa, itimukanwa n' imyenda bya PSCBS yagengwaga n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe n° 56/03 ryo ku wa 14/08/2009 rishyiraho Ubunyamabanga bwo kongerera abakozi ba Leta ubushobozi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byabwo byeguriwe NCBS.

Article 12: Transfer of patrimony

Movable, immovable property and liabilities of PSCBS governed by the Prime Minister's Order n° 56/03 of 14/08/2009 establishing and determining the responsibilities, organization and functioning of the Public Sector Capacity Building Secretariat, are transferred to NCBS.

Article 12: Transfert du patrimoine

La propriété sur les biens meubles et immeubles ainsi que le passif du PSCBS régis par l'arrêté du Premier Ministre n° 56/03 du 14/08/2009 portant création du Secrétariat de renforcement des capacités du Secteur Public et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement est transférée à NCBS.

Ingingo ya 13: Imicungire n'igenzurwa ry'umutungo

Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo wa NCBS bikorwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa NCBS buha raporo Komite y'Ubuyobozi bukagenera kopi Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCBS n'Umugenzuzi w'Imari Mukuru wa Guverinoma.

Ingingo ya 14: Ingengo y'imari

Ingengo y'imari ya NCBS yemezwa kandi igacungwa hakurikijwe amategeko abigenga.

Ingingo ya 15: Raporo y'imari

Mu mezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa NCBS ashyikiriza Komite y'Ubuyobozi raporo y'umwaka w'ibaruramari kugira ngo iyisuzume kandi inayemeze, hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

UMUTWE WA V: INGINGO ZISOZA

Ingingo ya 16: Abashinzwe kubahiriza iri teka

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi na Minisitiri

Article 13: Management and audit of property

The use, management and audit of the property of NCBS shall be carried out in accordance with the governing laws.

The internal audit of NCBS shall submit a report to the Governing Steering Committee with a copy to the Executive Secretary of NCBS and the Government Chief Internal Auditor.

Article 14: Budget

The budget of the NCBS shall be approved and managed in accordance with the governing laws.

Article 15: Financial report

Within a period of three (3) months following the closure of the financial year, the Executive Secretary of NCBS shall submit a financial report to the Governing Steering Committee for review and approval in accordance with laws governing the management of State finance and property.

CHAPTER V: FINAL PROVISIONS

Article 16: Authorities entrusted with the implementation of this Order

The Minister of Finance and Economic Planning

Article 13 : Gestion et audit du patrimoine

L'utilisation, la gestion et l'audit du patrimoine de NCBS sont effectués conformément aux dispositions légales en la matière.

Le service d'audit interne de NCBS transmet son rapport au Comité Technique de Pilotage et réserve une copie au Secrétaire Exécutif du NCBS et à l'Auditeur en Chef Interne du Gouvernement.

Article 14: Budget

Le budget de NCBS est adopté et géré conformément aux dispositions légales en la matière.

Article 15: Rapport financier

Le Secrétaire Exécutif de NCBS soumet au Comité Technique de Pilotage dans les trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable un rapport de l'exercice comptable pour examen et approbation conformément aux dispositions régissant les finances et le patrimoine de l'Etat.

CHAPITRE V: DISPOSITIONS FINALES

Article 16: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

Le Ministre des Finances et de la Planification

w'Abakozi ba Leta n'Umurimo basabwe kubahiriza iri teka.

and the Minister of Public Service and Labour are entrusted with the implementation of this Order.

Economique et le Ministre de la Fonction Publique et du Travail sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Article 17: Repealing provision

Article 17: Disposition abrogatoire

Iteka rya Ministiri w'Intebe nº 56/03 ryo ku wa 14/08/2009 rishyiraho Ubunyamabanga bwo kongerera abakozi ba Leta ubushobozi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere yabwo hamwe n'izindi ngingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

The Prime Minister's Order nº 56/03 of 14/08/2009 establishing and determining the responsibilities, organization and functioning of the Public Sector Capacity Building Secretariat and all other prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

L'Arrêté du Premier Ministre nº 56/03 du 14/08/2009 portant création du Secrétariat de renforcement des capacités du Secteur Public et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement ainsi que toutes les dispositions règlementaires antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Ingingo ya 18: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Article 18: Commencement

Article 18: Entrée en vigueur

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa **24/05/2013**

Kigali, on **24/05/2013**

Kigali, le **24/05/2013**

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Amb. GATETE Claver
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Amb. GATETE Claver
Minister of Finance and Economic Planning

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)
Amb. GATETE Claver
Ministre des Finances et de la Planification Economique

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMUGEREKA WA I W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°157bis/03 RYO KUWA 24/05/2013 RISHYIRAHO UBUNYAMABANGA BW'IGIHUGU BWO KONGERA UBUSHOBOZI (NCBS) KANDI RIKAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYABWO	**ANNEX I OF THE PRIME MINISTER'S ORDER N°157bis/03 OF 24/05/2013 ESTABLISHING NATIONAL CAPACITY BUILDING SECRETARIAT (NCBS) AND DETERMINING ITS MISSION ORGANISATION AND FUNCTIONING**	**ANNEXE I DE L'ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°157bis/03 DU 24/05/2013 PORTANT CREATION DU SECRETARIAT NATIONAL DE RENFORCEMENT DES CAPACITES (NCBS) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

ORGANISATIONAL CHART FOR NCBS -2013



UMUGEREKA WA II W'ITEKA RYA MINISITIRI W'INTEBE N°157bis/03 RYO KUWA 24/05/2013 RISHYIRAHO UBUNYAMABANGA BW'IGIHUGU BWO KONGERA UBUSHOBOZI (NCBS) KANDI RIKAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYABWO	**ANNEX II OF THE PRIME MINISTER'S ORDER N°157bis/03 OF 24/05/2013 ESTABLISHING NATIONAL CAPACITY BUILDING SECRETARIAT (NCBS) AND DETERMINING ITS RESPONSIBILITIES, ORGANISATION AND FUNCTIONING**	**ANNEXE II DE L'ARRETE DU PREMIER MINISTRE N°157bis/03 DU 24/05/2013 PORTANT CREATION DU SECRETARIAT NATIONAL DE RENFORCEMENT DES CAPACITES (NCBS) ET DETERMINANT SES RESPONSABILITES, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT**

SUMMARY OF JOBS FOR NATIONAL CAPACITY BUILDING SECRETARIAT (NCBS) - 2013

Administrative Unit	Job Title	Title of Job position linked to the Job	Proposed Jobs
Office of the Executive Secretary	Executive Secretary	Executive Secretary	1
	Advisor to the ES	Advisor to the ES	1
	Administrative Assistant	Administrative Assistant to the ES	1
	Internal Audit	Internal Auditor	1
	Public Relations and Communications	Public Relations and Communications Officer	1
	Procurement	Procurement Officer	1
	Legal Advisor	Legal Advisor	1
	Sub Total		**7**
Capacity Building Sector Support Division	Division Manager	Division Manager of Capacity Building Sector Support Division	1
	Governance Cluster	Governance Cluster Specialist	2
	Social Cluster	Social Cluster Specialist	2
	Economic Cluster	Economic Cluster Specialist	4
	Sub Total		**9**
Capacity Building Strategic Operations & Quality Assurance Division	Division Manager	Division Manager of Strategy Operations & Quality Assurance Division	1
	Institutional Capacity Development Specialist	Capacity Building Strategy Planning and Policy Specialist	1
	Human Capital and Skills Development Specialist	Human Capital and Skills Development Specialist	2
	M &E	M &E Specialist	2
	Capacity Building Analysts and Data Management Specialist	Capacity Building Analysts and Data Management Specialist	1

	Capacity Building Needs Assessment and Planning Specialist	Public Sector Training Specialist	2
	Research and Knowledge Management	Research and Knowledge Management Specialist	1
			10
Internship Program and Continuing & Professional Development Unit	Director of Unit	Director of Internship Program and Continuing & Professional Development Unit	1
	Intership Program	Internships Program Officer	1
	Continuing Professional Development	Continuing Professional Development Officer	2
	Sub Total		**4**
Finance & Administration Unit	Director of Unit	Director of Administration and Finance Unit	1
	Human Resource	Human Resource Officer	1
	Accountant	Accountant	1
	Budget	Budget Officer	1
	Logistics	Logistics Officer	1
	IT Officer	IT Officer	1
	Customer Care	Customer Care Officer	1
	Secretary (Central Secretariat)	Secretary (Central Secretariat)	2
	Sub Total		**9**
		GRAND TOTAL	**39**

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri w'Intebe nº157bis/03 ryo kuwa 24/05/2013 rishyiraho Ubunyamabanga bw'Igihugu bwo kongera Ubushobozi (NCBS) kandi rikagena inshingano, imiterere n'imikorere byabwo

Kigali, kuwa **24/05/2013**

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Minisitiri w'Intebe

(sé)
Amb. GATETE Claver
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to the Prime Minister's Order nº 157bis/03 of 24/05/2013 establishing the National Capacity Building Secretariat (NCBS) and determining its mission, organization and functioning

Kigali, on **24/05/2013**

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Prime Minister

(sé)
Amb. GATETE Claver
Minister of Finance and Economic Planning

Seen and Sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Vu pour être annexé à l'Arrêté du Premier Ministre nº 157bis/03 du 24/05/2013 portant création du Secrétariat National de Renforcement des Capacités (NCBS) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement

Kigali, le **24/05/2013**

(sé)
Dr HABUMUREMYI Pierre Damien
Premier Ministre

(sé)
Amb. GATETE Claver
Ministre des Finances et de la Planification Economique

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 01/013 RYO KUWA 20/06/2013 RIGENA UBURYO BWO KUBONA URUHUSHYA RW'IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE N'AMAFARANGA ARUTANGWAHO

MINISTERIAL ORDER N°01/013 OF 20/06/2013 DETERMINING PROCEDURES FOR OBTAINING A GAMING LICENCE AND RELEVANT FEES

ARRETE MINISTERIEL Nº 01/013 DU 20/06/2013 DETERMINANT LES PROCEDURES POUR L'OBTENTION DE LICENCE DE JEUX DE HASARD ET LES FRAIS Y RELATIFS

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 3: Ibisabwa kuzuzwa mu kubona uruhushya rw'imikino y'amahirwe

Ingingo ya 4: Ibisobanuro bitangwa mu isabawa ry'uruhushya rw'imikino y'amahirwe

Ingingo ya 5: Inyandiko za ngombwa ziherekeza ibaruwa isaba uruhushya

Ingingo ya 6: Gahunda y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe

Ingingo ya 7: Igihe cyo gutanga ibimenyetso by'ubwishingire

Ingingo ya 8: Raporo y'icungamari

Ingingo ya 9: Ubwishingizi bw'abakozi

Ingingo ya 10: Ubwishingizi bw'impanuka

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Definitions of terms

Article 3: General requirements to obtain a gaming licence

Article 4: Rules of Gaming Activities

Article 5: Basic documents to be attached to an application for licence

Article 6: Business Plan for gaming activities

Article 7: Period for submitting evidence of guaranty

Article 8: Financial report

Article 9: Social security

Article 10: Insurance for thirty party

TABLE DES MATIERES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2 : Définitions des termes

Article 3: Conditions générales d'obtenir une licence de jeu

Article 4 : Règles des activités de jeu

Article 5: Documents fondamentaux à joindre à la demande de licence

Article 6 : Plan d'activités pour jeux de hasard

Article 7 : Délai de présentation de la preuve de garantie

Article 8 : Rapport financier

Article 9 : Sécurité sociale

Article 10 : Assurance contre tiers

Ingingo ya 11: Iperereza	**Article 11: Investigations**	**Article 11: Enquêtes**
Ingingo ya 12: Ubwoko bw'imikino y'amahirwe	**Article 12: Gaming products**	**Article 12: Produits de jeux de hasard**
Ingingo ya 13: Imikino ya Tombola	**Article 13: Lottery**	**Article 13 : Loterie**
Ingingo ya 14 : Ibindi byiciro by'imikino y'amahirwe	**Article 14: Other Gaming Categories**	**Article 14 : Autres catégories des jeux**
Ingingo ya 15: Isuzuma ry'amabaruwa asaba	**Article 15: Evaluation of applications**	**Article 15: Evaluation de demandes**
Ingingo ya 16: Imiterere y'amafaranga yishyurwa	**Article 16: Licence fee structure**	**Article 16: Structure de frais de licence**
Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 17: Repealing provision**	**Article 17: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 18: Igihe iteka ritangira gukurikizwa	**Article 18: Commencement**	**Article 18 : Entrée en vigueur**

ITEKA RYA MINISITIRI Nº 01/013 RYO KUWA 20/06/2013 RIGENA UBURYO BWO KUBONA URUHUSHYA RW'IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE N'AMAFARANGA ARUTANGWAHO

Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda;

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 58/2011 ryo kuwa 31/12/2011 rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 13;

Inama y'Abaministiri yateranye kuwa 08/05/2013 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

ATEGETSE:

<u>Ingingo ya mbere</u>: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo kubona uruhushya rwo gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu Rwanda n'amafaranga yishyurwa.

<u>Ingingo ya 2</u>: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira afite

MINISTERIAL ORDER N°01/013 OF 20/06/2013 DETERMINING PROCEDURES FOR OBTAINING A GAMING LICENCE AND RELEVANT FEES

The Minister of Trade and Industry;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 58/2011 of 31/12/2011 governing the gaming activities in Rwanda especially in Article 13;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 08/05/2013 ;

HEREBY ORDERS:

<u>Article One</u>: Purpose of this Order

This Order determines the procedures for obtaining a gaming licence in Rwanda and sets licence fees.

<u>Article 2:</u> Definitions of terms

Under this Order, the following terms shall have

ARRETE MINISTERIEL Nº 01/013 DU 20/06/2013 DETERMINANT LES PROCEDURES POUR L'OBTENTION DE LICENCE DE JEUX DE HASARD ET LES FRAIS Y RELATIFS

Le Ministre du Commerce et de l'Industrie ;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201 ;

Vu la Loi n° 58/2011 du 31/12/2011 régissant les activités de jeux de hasard, spécialement en son article 13 ;

Après examen et approbation par le Conseil des Ministres, en sa séance du 08/05/2013 ;

ORDONNE :

<u>Article premier</u> : Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les procédures d'obtention d'une licence de jeux de hasard au Rwanda et fixe les frais y relatifs.

<u>Article 2 :</u> Définitions des termes

Dans le présent arrêté, les termes ci-après ont les

ibisobanuro bikurikira:

1° **imikino y'amahirwe:** umukino wose ukinwa hakoreshejwe amakarita, utubumbe tw‟impande nyinshi, amatike, ibikoresho cyangwa ibintu byose bikoresha ingufu za mekanike, iz‟amashanyarazi cyangwa elegitoroniki cyangwa imashini y‟amafaranga, umutungo, sheki, igurizwa cyangwa ikarita y„igurizwa cyangwa ikintu cyose gisimbura agaciro;

2° **uruhushya rw'imikino y'amahirwe:** icyemezo gitangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyemerera umuntu gukora ibikorwa by'imikino y‟amahirwe;

3° **Urwego Ngenzuramikorere:** urwego rutanga impushya z'ibikorwa by'imikino y'amahirwe rukanagenzura bene ibyo bikorwa;

4° **tombola mu rwego rw'Igihugu:** gahunda ya tombola ifitwe cyangwa igice cyayo gifitwe na Leta kandi yatejwe imbere hose mu Gihugu nk'uko byemewe n'itegeko rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe;

the following meanings:

1° **gaming:** any game played with cards, dices, tickets, equipment or any mechanical, electronic or electromechanical device or machine for money, property, checks, credit or credit card or any representative of value;

2° **gaming licence:** a certificate issued by a competent organ authorizing a person to engage in gaming activities;

3° **Regulatory Authority:** the licensing authority of gaming and gaming industry Regulatory Authority;

4° **national lottery:** a lottery scheme in whole or in part owned by the Government and promoted countrywide as authorized by the Law governing gaming activities;

significations suivantes :

1° **jeux de hasard :** toute forme de jeu joué au moyen de cartes, dés, tickets, équipement ou tout autre outil mécanique, électronique ou électromécanique ou machine pour argent, bien ou patrimoine, chèque, crédit ou carte de crédit ou autre représentation de valeur ;

2° **licence de jeux de hasard :** certificat octroyé par une autorité compétente autorisant une personne de s'engager dans des activités de jeux de hasard ;

3° **Autorité de Régulation :** l'autorité d'octroi de licences et de régulation de l'industrie des jeux de hasard ;

4° **loterie nationale :** un programme de loterie possédé intégralement ou partiellement par l‟Etat et promu au niveau national comme étant autorisé par la loi régissant les activités de jeux de hasard ;

Ingingo ya 3: Ibisabwa kuzuzwa mu kubona uruhushya rw'imikino y'amahirwe

Kugira ngo umuntu abone uruhushya rwo gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe agomba kuba yujuje ibikurikira:

Article 3: General requirements to obtain a gaming licence

In order to obtain a gaming licence a person shall fulfill the following:

Article 3 : Conditions générales d'obtenir une licence de jeu

Afin d'obtenir une licence de jeux de hasard, une personne doit remplir les conditions suivantes :

1° kuba atarigeze yimwa n'Ubuyobozi bubigenga cyangwa urundi Urwego Ngenzuramikorere uruhushya rwo gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe;

2° kuba uruhushya rwe rutarigeze guhagarikwa cyangwa guteshwa agaciro mu Rwanda cyangwa ahandi;

3° kuba afite ahantu hakwiriye ho gukorera hemejwe n'Urwego Ngenzuramikorere;

4° kuba yujuje ibintu byose biteganywa n'Itegeko n° 58/2011 ryo ku wa 31/12/2011 rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe;

5° kuba atarahamwe n'icyaha icyo aricyo cyose kirebana n'uburiganya, iyezandonke n'ubuhemu;

6° kuba umutungo we utarafatiriwe kubera kutishyura cyangwa ku mpanvu zitewe n'ibibazo biturutse ku gihombo icyo aricyo cyose;

7° kuba hari ibimenyetso bigaragaza ko afite amafaranga ahagije yo kwishyura ibisabwa byose no kuyakoresha mu bikorwa by'imikino y'amahirwe.

<u>Ingingo ya 4</u>: Ibisobanuro bitangwa mu isabawa ry'icyemezo cy'imikono y'amahirwe

Ukoresha umukino cyangwa uwawutangije ageza

1° never having been denied a gaming licence by the Regulatory Authority or any other jurisdiction;

2° never having had a gaming licence suspended or revoked in Rwanda or in other jurisdiction;

3° possessing gaming premises that are deemed suitable by the Regulatory Authority;

4° complying with all the provisions of Law n° 58/2011 of 31/12/2011 governing gaming activities;

5° not having been convicted of any criminal offence involving fraud, money laundering or dishonesty;

6° not being subject to foreclosures or insolvency proceedings of any magnitude;

7° having evidence of adequate financing available to pay all obligations and to provide for adequate working capital to finance the gaming operations.

<u>Article 4</u>: Rules of Gaming Activities

The game operator or promoter shall submit to the

1° n'avoir jamais subi un refus de licence de jeux de hasard par l'Autorité de Régulation ou par toute autre personne compétente ;

2° n'avoir jamais eu une licence de jeux de hasard suspendue ou révoquée au Rwanda ou sur un autre territoire ;

3° posséder des lieux réservés aux jeux de hasard qui sont jugés appropriés par l'Autorité de Régulation ;

4° se conformer à toutes les dispositions de la Loi n° 58/2011 du 31/12/2011 régissant les jeux de hasard ;

5° n'avoir pas été reconnue coupable d'une infraction pénale impliquant la fraude, le blanchiment d'argent ou abus de confiance ;

6° ne pas faire objet de saisie du patrimoine pour défaut de paiement ou pour toute forme d'insolvabilité ;

7° avoir une preuve d'un financement suffisant disponible pour payer toutes les obligations et servir de fonds de roulement pour financer les activités de jeux de hasard.

<u>Article 4</u> : Règles des activités de jeu

L'opérateur de jeux ou le promoteur doit donner à l'Autorité de Régulation pour approbation une

ku Rwego Ngenzuramikorere ibisobanuro byuzuye bya buri mukino ateganya gukinisha kugira ngo rubyemeze.

Ibisobanuro by'imikino bitangwa n'uyikoresha cyangwa uwayitangije bigomba kuba birimo:

1° ubwoko bw'imikino ashaka ko yakwemererwa gukora bwandikwa ku ruhushya rwe;

2° incamake y'umukino igaragaza icyo ugamije, amabwiriza yawo, uburyo ukinwa n'integano zishobora gukorwa;

3° amahirwe yo gutsinda umukino n'inyungu y'uwukoresha igendanye na buri ntegano, n'ibisobanuro by'ibikoresho bikoreshwa muri uwo mukino;

4° ibisobanuro birambuye ku bacuruzi mpuzamahanga cyangwa b'imbere mu gihugu b'ibikoresho byose bikoreshwa cyangwa bizakoreshwa mu mikino y'amahirwe y'urwego rw'uruhushya asaba;

5° andi makuru yose yagira akamaro mu itangwa ry'uruhushya .

Ingingo ya 5: Inyandiko za ngombwa ziherekeza ibaruwa isaba uruhushya

Ibaruwa isaba uruhushya rw'imikino y'amahirwe

Regulatory Authority for approval a complete description of each game that he/she intends to offer for playing.

The description submitted by the game operator or promoter shall include:

1° the types of games he/she wishes to be included on the licence;

2° a summary of the game indicating its objectives, its rules, its methods and the wagers that may be made;

3° the chances of winning the game, the minimum payout rate and the advantage of the operator/promoter in relation to each wager and a description of the devices used in the playing of the game;

4° the details of local and international suppliers and sub-contractors of all the gaming equipments used or to be used in operating the gaming products falling under the category of licence being applied for;

5° any other information that will be useful for the determination of the application.

Article 5: Basic documents to be attached to an application for licence

The following documents shall be attached to the

description complète de chaque jeu qu'il / elle a l'intention d'offrir pour jouer.

La description de jeux à donner par l'opérateur ou le promoteur comprend :

1° les types de jeux de hasard qu'il souhaite être mentionnés sur sa licence ;

2° un résumé du jeu indiquant ses objectifs, ses règles, ses méthodes et les paris pouvant être faits ;

3° les hasards de gagner le jeu, le taux de paiement minimum et l'avantage de l'opérateur / promoteur par rapport à chaque pari ainsi qu'une description des dispositifs utilisés dans ce jeu ;

4° les détails des fournisseurs et des sous-traitants locaux et internationaux de tous les équipements de jeux utilisés ou devant être utilisés dans l'exploitation des produits de jeux de hasard relevant de la catégorie de licence demandée ;

5° toute autre information jugée utile pour l'issue de la demande.

Article 5 : Documents fondamentaux à joindre à la demande de licence

Les documents de base suivants sont joints à la

iba iherekejwe n'inyandiko za ngombwa bikurikira:

1° kopi ebyiri za gahunda y'ibikorwa;

2° impapuro zisaba zateguwe zujujwe neza ndetse n'icyemezo cy'uko amafaranga atangwa mu isaba ry'uruhushya yishyuwe;

3° umwirondoro w'usaba cyangwa abasaba n'urupapuro rwuzuzwa rugaragaza umwirondoro wa buri muyobozi w'isosiyete ;

4° kopi y'inyandiko y'ubwumvikane n'amategeko shingiro;

5° kopi yemejwe iriho umukono wa noteri y'icyemezo cy'iyandikwa ry'isosiyete ;

6° icyemezo cya banki yo mu Rwanda kigaragaraho aderesi yayo cyemeza ko hari konti zose ziri mu mazina y'usaba uruhushya kinagaragaza ko amafaranga azakoreshwa mu bikorwa by'imikino y'amahirwe cyangwa ajyanye na byo ariho ;

7° icyemezo cy'ubwenegihugu cya buri muyobozi n'umunyamigabane; hakubiyemo kopi igaragara neza y'impapuro ebyiri za mbere z'urwandiko rw'abajya mu mahanga, ikarita itangwa na Konsula ku banyamahanga n'amafoto abiri (2) magufi ;

8° inyandiko zatanzwe n'abantu batanu (5)

applicant letter:

1° two copies of a Business Plan;

2° duly filled-in application forms and receipt of application fees;

3° applicants' profile and duly filled-in Personal details Form for each director of the company;

4° a copy of the company's Memorandum and Articles of Association;

5° a certified copy of the Certificate of company incorporation;

6° a certificate from a Rwandan bank indicating its address and confirming existence of all accounts in the licence applicant's names and the availability of funds therein related to or to be used in the gaming activities ;

7° proof of citizenship of every director and shareholder. This includes a clear photocopy of the first two pages of a passport, a consular card for foreigners and two (2) passport size photographs;

8° statements from five (5) persons who are

lettre de demande de licence :

1° deux copies d'un Plan d'activités ;

2° les formulaires dûment remplis et la quittance de paiement des frais de demande ;

3° le profil de demandeurs et le formulaire personnel détaillé dûment rempli pour chaque administrateur de la société ;

4° une copie du mémorandum et des statuts de la société ;

5° une copie certifiée conforme du certificat d'enregistrement de la société ;

6° un certificat en provenance d'une banque rwandaise portant son adresse et confirmant l'existence de tous les comptes au nom du demandeur et attestant que des fonds en rapport avec ou devant être utilisés dans les activités de jeux de hasard y sont disponibles ;

7° la preuve de la nationalité de chaque administrateur et actionnaire qui comprend une photocopie claire des deux premières pages du passeport, une carte consulaire pour les étrangers et deux (2) photos de format passeport ;

8° déclarations de cinq (5) personnes qui

badafitanye isano n'usaba uruhushya, zigaragaza amazina yabo, imyanya y'imirimo bafite, ndetse naho babarizwa) zemeza imico myiza ndetse n'ubunyangamugayo mu micungire y'umutungo by'usaba kimwe n'abayobozi n'abanyamigabane bateganyijwe ;

9° icyemezo cy'uko nta myenda y'imisoro itangiwe mu gihugu usaba atuyemo kimwe na buri muyobozi n'abanyamigabane barimo ;

10° icyemezo ko isosiyete cyangwa usaba nta misoro babereyemo Ikigo cy'Imisoro n'Amahoro;

11° ingingo zerekeye inshingano zikubiye mu masezerano y'umukozi, abafasha n'ugirana nabo amasezerano ku rwego rwa kabiri ;

12° inyandiko y'ubwishingizi bumara umwaka umwe (1) bwatanzwe na banki ikorera mu Rwanda ku buryo buzwi cyangwa bwatanzwe n'isosiyete y'ubwishingizi yujuje ibisabwa n'amategeko ikorera mu Rwanda bufatwa nk'ingwate cyangwa kwishingira ko hari amafaranga ahagije yo kwishyura no kurangiza izindi nshingano zituruka ku bikorwa by'imikino y'amahirwe.

not relatives of the applicant detailing the names, positions held, complete address vouching for the good moral character and financial responsibility of the applicant and proposed directors and Shareholders.

9° a Tax Clearance certificate from a country of residence for the applicant and every director and shareholders;

10° a Tax clearance certificate from Rwanda Revenue Authority for the company or the applicant;

11° terms of contractual obligations of employees, agents and subcontractor;

12° a one (1) year insurance cover either provided by a legally established bank operating in Rwanda or provided by a legally established insurance company operating in Rwanda to act as a guarantee and proof of possession of adequate financing available to pay or settle all obligations arising from the licenced gaming activities.

n'ont pas de relations avec le candidat et qui détaille les noms, les positions détenues, l'adresse complète attestant la bonne moralité et la responsabilité financière du demandeur, des administrateurs et des actionnaires proposés ;

9° la déclaration de paiement d'impôt en provenance du pays de résidence pour le demandeur et chaque administrateur et les actionnaires ;

10° une attestation de non créance de l'Office Rwandais des Recettes pour la société ou le demandeur ;

11° les termes d'obligations contractuelles des employés, agents et du sous-traitant ;

12° un aval valide pour un (1) an fourni par une banque établie juridiquement et opérant au Rwanda ou une assurance offerte par une société d'assurance légalement constituée opérant au Rwanda devant servir de garantie et de preuve de possession d'un financement suffisant disponible à payer ou devant régler toutes les obligations découlant des activités de jeux de hasard sous licence.

Ingingo ya 6: Gahunda y'ibikorwa by'imikino y'amahirwe

Gahunda y'ibikorwa ishingirwaho mu gusuzuma isabwa ry'uruhushya rw'ibikorwa by'imikino y'amahirwe yibanda cyane cyane kuri ibi bikurikira:

1° inyandiko igaragaza neza intego z'umushinga;

2° ibisobanuro ku byishyurwa bijyana n'ishoramari kimwe n'uburyo iryo shoramari rizabona amafaranga yo gukoresha, aho amafaranga azaturuka hihariye n'abantu bibazwa, ingingo zikubiye mu masezerano y'inguzanyo niba hari ahari;

3° aho ikoranabuhanga, niba rizakoreshwa, n'ibikoresho mu mikino y'amahirwe bikomoka;

4° isuzuma ry'imari n'ubukungu biteganyijwe rikubiyemo raporo y'icungamari y'umwaka iteganyijwe ndetse n'inyungu iteganyijwe mu myaka ine (4) ya mbere;

5° akazi gashobora gutangwa;

6° umubare w'amafaranga ateganyijwe gushorwa mu bikorwa by'imibereho myiza n'ubuzima bwiza bw'abaturage;

Article 6: Business Plan for gaming activities

The Business Plan requested for consideration of an application for gaming shall mainly include:

1° a clear statement of project objectives;

2° details of investment costs and how the proposed investment will be financed, specific sources of funds and their contacts and terms and conditions of the loans if applicable;

3° sources of technology if applicable and gaming equipment;

4° a projected financial and economic analysis; the financial analysis including projected Annual Balance Sheets and Income Statements for the first four (4) years;

5° an expected employment generation;

6° an expected social welfare and health related investment;

Article 6 : Plan d'activités pour jeux de hasard

Le plan d'activité sur lequel est basée l'examen d'une demande de licence pour jeux de hasard comprend principalement ce qui suit :

1° un énoncé clair des objectifs du projet ;

2° les détails des coûts d'investissement et modalités de financement du projet d'investissement, les sources spécifiques des fonds et leurs contacts, ainsi que, le cas échéant, les termes et conditions des prêts ;

3° les sources de technologie, le cas échéant, et du matériel de jeux de hasard ;

4° une analyse économique et financière du projet comprenant des bilans annuels escomptés et des comptes de résultats pour les quatre (4) premières années ;

5° des emplois attendus ;

6° l'investissement prévu dans le domaine du bien-être social et de la santé ;

7° uburyo ibikorwa byo gushyira mu bikorwa iyo gahunda bikurikirana.

Ingingo ya 7: Igihe cyo gutanga ibimenyetso by'ubwishingire

Uwahawe uruhushya rwo gukora ashyikiriza Urwego Ngenzuramikorere ibimenyetso byose by'ubwishingire buteganyijwe mu ngingo ya 5 y'iri teka, igika cyayo cya mbere, agace ka 12° mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ya mbere y'umwaka w'ibikorwa;

Uwahawe icyemezo wese udashoboye gutanga icyemezo cy'ubwishingire cy'umwaka nk'uko bisabwa muri iri teka ahanishwa ihazabu hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe ;

Mu gihe habayeho isubiracyaha, Urwego Ngenzuramikorere ruhagarika uruhushya rwe cyangwa rukarutesha agaciro.

Ingingo ya 8 : Raporo y'icungamari

Uwahawe uruhushya rw'ibikorwa by'imikino y'amahirwe aha Urwego Ngenzuramikorere raporo y'icungamari n'inyandiko zigaragaza inyungu y'umwaka ya buri wese mu bashinze isosiyete.

Ingingo ya 9 : Ubwishingizi bw'abakozi

Uwemerewe gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe afata ubwishingizi bw'abakozi akoresha akereka Urwego Ngenzuramikorere, igihe

7° a proposed implementation schedule.

Article 7: Period for submitting evidence of guaranty

The licencee shall submit to the Regulatory Authority evidence of the guarantee provide for in Article 5, Paragraph One, item 11° not later than the first thirty (30) days of the proceeding year;

Any licencee who fails to produce the evidence of annual guarantee as requested in this Order shall be liable to a fine in accordance with the gaming law;

In the event of recidivism, the Regulatory Authority shall suspend or revoke the licence.

Article 8: Financial report

The licencee shall submit to the Regulatory Authority the audited Balance Sheets and Income Statement of every founding member of the company.

Article 9 : Social security

The operating licencee must subscribe social security insurance and submit to the Regulatory Authority, on its request, the certificate proving

7° le calendrier d'exécution proposé.

Article 7 : Délai de présentation de la preuve de garantie

Le titulaire d'une licence doit présenter à l'Autorité de Régulation toutes les preuves de la garantie prévue à l'article 5, alinéa premier, point 11° de la présente loi dans les trente (30) premiers jours de l'année en exercice ;

Tout détenteur de permis qui ne parvient pas à produire la preuve de garantie annuelle requise par le présent arrêté est susceptible d'une amende conformément à la loi sur les jeux de hasard ;

En cas de récidive, l'Autorité de Régulation doit suspendre ou retirer sa licence.

Article 8 : Rapport financier

Le titulaire de licence donne à l'Autorité de Régulation les bilans et compte de résultats audités en ce qui concerne chaque fondateur de la société ;

Article 9 : Sécurité sociale

Le titulaire d'une licence en activité doit souscrire une assurance de sécurité sociale et présenter, sur demande, à l'Autorité de

rubimusabye, icyemezo cy'Ikigo cy'ubwishingizi bw'abakozi ko imisanzu y'ubwishingizi bw'abakozi yishyurwa neza.

good payment of social security contributions of the staff.

Régulation le certificat de non redevance de l'Office de la sécurité sociale attestant le paiement régulier des cotisations du personnel.

Ingingo ya 10 : Ubwishingizi bw'impanuka

Mu itangira ry'ibikorwa by'imikino y'amahirwe, uhawe uruhushya rwo kubikora agomba kuba afite ubwishingizi bw'uburyozwe ku mpanuka yashobora kuba ku muntu uri ahakorerwa imikino y'amahirwe agahita abimenyesha Urwego Ngenzuramikorere;

Article 10: Insurance for thirty party

Starting activity of gaming, the licencee must take out an insurance for third party and submit details on it without delay to the Regulatory Authority

Article 10 : Assurance contre tiers

Au début des activités en rapport avec les jeux de hasard, le titulaire d'une licence doit souscrire une assurance contre tiers et en livrer, sans délai, les détails à l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 11: Iperereza

Usaba agomba kugenzurwa mu myitwarire ye ibanziriza isaba n'isuzuma harimo no kureba aho amafaranga yo gukoresha muri ubwo bucuruzi yaturutse. Usaba asabwa imikoranire ya ngombwa kugira ngo Urwego Ngenzuramikorere rushobore gusuzuma isaba ryakozwe uko bikwiye.

Article 11: Investigations

Applicant shall be subject to background investigations and vetting processes including sources of funds to be used in the business. The applicant shall provide the necessary cooperation to enable the Regulatory Authority examine the application appropriately.

Article 11 : Enquêtes

Le demandeur est soumis à des enquêtes sur son passé et au processus d'examen concernant notamment les sources de fonds devant être utilisés dans l'activité commerciale. Le demandeur doit coopérer en vue de permettre à l'Autorité de Régulation d'examiner la demande de manière appropriée.

Ingingo ya 12: Ubwoko bw'imikino y'amahirwe

Ubwoko bw'imikino y'amahirwe yemewe ni agaragara ku mugereka w'iri teka.

Nta bwoko bw'imikino y'amahirwe bwakongerwamo cyangwa bwatangizwa mu cyiciro cy'imikino yemewe Urwego Ngenzuramikorere rutabitangiye uruhushya rwanditse.

Article 12: Gaming products

The gaming authorized products shall be those mentioned in the annex to this Order.

No gaming product shall be included or introduced for play in a licenced category without the prior written approval by the Regulatory Authority.

Article 12 : Produits de jeux de hasard

Les produits des jeux autorisés figurent dans l'annexe du présent arrêté.

Aucun produit de jeux de hasard ne doit être inclus ou introduit dans une catégorie sous licence sans l'autorisation préalable écrite de l'Autorité de Régulation.

Ingingo ya 13: Imikino ya Tombola

Tombola ku rwego rw'Igihugu igirwa kandi igakorwa na Leta. Uruhushya rwo gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe ya tombola ruhabwa urwego rwa Leta rufite tombola ku rwego rw'Igihugu mu nshingano zarwo.

Indi mikino ya tombola isabirwa uruhushya ntirenza amezi atatu (3) kandi igomba gukorwa rimwe mu mwaka runaka isabiwemo.

Article 13: Lottery

The National Lottery shall be wholly owned by the Government and consequently licenced to a Government Institution in charge of National Lottery.

Other forms of lotteries for which a permit is required shall be limited to a maximum period of three (3) months and conducted once in a given year of application.

Article 13 : Loterie

La Loterie Nationale est entièrement détenue par le Gouvernement et autorisée à une institution gouvernementale ayant la loterie nationale dans ses attributions.

D'autres formes de loteries requérant un permis sont limitées à une période maximale de trois (3) mois et ne sont autorisées qu'une fois au cours de l'année donnée au cours de laquelle la demande est faite.

Ingingo ya 14 : Ibindi byiciro by'imikino y'amahirwe

Amabwiriza ya Minisitiri ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu nshingano ze agena ibindi byiciro by'imikino y'amahirwe bitavuzwe muri iri teka mu gihe bizaba bibaye ngombwa.

Article 14: Other Gaming Categories

Where deemed necessary, Instructions of the Minister in charge of the gaming activities shall establish other gaming categories and specific game products not mentioned in this Order.

Article 14 : Autres catégories des jeux

En cas de besoin, les instructions du Ministre ayant les activités de jeux de hasard dans ses attributions déterminent les autres catégories et les produits spécifiques de jeux de hasard non mentionnés au présent arrêté.

Ingingo ya 15: Isuzuma ry'amabaruwa asaba

Urwego Ngenzuramikorere rwiga kandi rugasuzuma inyandiko zose zisaba rwakiriye.

Urwego Ngenzuramikorere rufite ububasha busesuye kandi rukoresha ububasha bwose ruhabwa n'itegeko rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu gukora iperereza no gushaka ibisobanuro birambuye mu gihe rukora isuzumamikorere y'uwasabye uruhushya.

Article 15: Evaluation of applications

The Regulatory Authority shall consider and evaluate all applications received.

The Regulatory Authority shall have the discretion and shall exercise all powers in accordance with the Gaming Law to investigate and seek further clarifications during the evaluation of the applicant.

Article 15 : Evaluation de demandes

L'Autorité de Régulation considère et évalue toutes les demandes reçues.

L'Autorité de Régulation a le pouvoir discrétionnaire et exerce tous les pouvoirs conformément à la loi relative aux jeux de hasard pour enquêter et demander des éclaircissements supplémentaires lors de l'évaluation du demandeur.

Urwego Ngenzuramikorere rugomba guha igisubizo uwasabye mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) isanzwe kuva rumaze gushyikirizwa inyandiko isaba;

Mu gihe igisubizo gitinze cyangwa uruhushya rutatanzwe, uwasabye uruhushya ashobora kujuririra Minisitiri ufite ibikorwa by'imikino y'amahirwe mu nshingano ze kugirango ko isaba rye ryongere gusuzumwa.

Ingingo ya 16: Imiterere y'amafaranga yishyurwa

Imbonerahamwe y'amafaranga yo gusaba uruhushya rw'imikino y'amahirwe n'ayo kurutunga iri ku mugereka w'iri teka. Amafaranga y'isaba avuzwe muri iyi ngingo ntabwo asubizwa. Amafaranga yose avugwa muri iri teka yishyurwa mu isanduku ya Leta muri Banki Nkuru y'u Rwanda.

Amafaranga yishyurwa mu isaba no ku ruhushya rwo gukora ibikorwa by'imikino y'amahirwe aterwa n'icyiciro cy'imikino. Amafaranga yishyurwa ku ruhushya atangawa buri mwaka mu gihe uruhushya rugifite agaciro.

Uwahawe uruhushya ashyikiriza Urwego Ngenzuramikorere ibimenyetso byose ko yishyuye ayo mafaranga asabwa bitarenze iminsi mirongo itatu (30) ya mbere y'umwaka wishyuriwe.

Umuntu wese wahawe uruhushya udashoboye kwishyura amafaranga asabwa ya buri mwaka

The Regulatory Authority shall provide a response to the applicant in a period not exceeding thirty (30) calendar days from the date of reception of the application ;

In case of a delayed or negative response, the applicant may appeal to the Minister in charge of the gaming activities for a review the licensing process.

Article 16: Licence fee structure

The table containing the fees for licence application and gaming licence fees is attached as an annex to this Order. The application fees referred to in this Article shall be non-refundable. All fees set in this Order shall be payable to the public treasury in the National Bank of Rwanda.

The fee for application and gaming licence shall vary according to the gaming category. The gaming licence fee shall be payable on an annual basis for the duration of the licence validity.

The licensee shall submit all evidence of this payment to the gaming industry Regulatory Authority not later than the first thirty (30) days of the proceeding year.

Any licensee who fails to honour the payment of the annual licence fees shall be liable to a fine in

L'Autorité de Régulation a au maximum trente (30) jours calendrier à compter de la date de réception de la demande pour répondre au demandeur.

Dans le cas d'une réponse différée ou négative, le demandeur peut faire recours auprès du Ministre ayant les activités de jeux de hasard dans ses attributions pour revoir le processus d'autorisation.

Article 16 : Structure de frais de licence

Le tableau des frais de demande et de détention de licence de jeux de hasard est annexé au présent arrêté. Les frais de demande mentionnés au présent article ne sont pas remboursables. Tous les frais prévus au présent arrêté sont payables au Trésor public auprès de la Banque Nationale du Rwanda.

Les frais de demande et de détention de licence de jeux de hasard varient selon la catégorie de jeux. Les frais de détention de licence sont payés chaque année durant toute la période de validité de la licence.

Le détenteur de licence soumet toute preuve de ce paiement à l'Autorité de Régulation dans les trente (30) premiers jours de l'année en cours.

Tout détenteur de licence qui ne s'acquitte pas du paiement des frais annuels est passible d'une

ahanishwa ihazabu hakurikijwe itegeko rigenga ibikorwa by'imikino y'amahirwe.

Iyo usaba adashoboye kwishyura amafaranga asabwa ku nshuro ya kabiri, Urwego Ngenzuramikorere ruhagarika uruhushya rwe cyangwa rukarutesha agaciro.

Ingingo ya 17: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanweho.

Ingingo ya 18: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **20/06/2013**

(sé)
KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)
BISINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

accordance with the Gaming Law.

In the event of recidivism, the gaming Regulatory Authority shall suspend or revoke the licence.

Article 17: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 18: Commencement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **20/06/2013**

(sé)
KANIMBA François
Minister of Trade and Industries

Seen and sealed with the seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

amende conformément à la loi régissant les jeux de hasard.

En cas de récidive, l'Autorité de Régulation de jeux de hasard doit suspendre le certificat ou l'invalider.

Article 17: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 18 : Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **20/06/2013**

(sé)
KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

UMUGEREKA KU ITEKA RYA MINISITIRI Nº 01/013 RYO KUWA 20/06/2013 RIGENA AMAFARANGA N'UBURYO BWO KUBONA URUHUSHYA RW'IBIKORWA BY'IMIKINO Y'AMAHIRWE

ANNEX TO MINISTERIAL ORDER Nº 01/013 OF 20/06/2013 DETERMINING FEES AND PROCEDURES FOR OBTAINING A GAMING LICENCE

ANNEXE A L'ARRETE Nº 01/013 DU 20/06/2013 DETERMINANT LES FRAIS ET PROCEDURES POUR L'OBTENTION DE LICENCE DE JEUX DE HASARD

Amafaranga yishyurwa ku byiciro bitandukanye by'imikino y'amahirwe				
Inomero	**Icyiciro cy'ibikorwa**	**Amafaranga y'isaba**	**Amafaranga y'uruhushya rw'umwaka**	**Andi mafaranga asabwa kumwaka**
1.	**Kazino**	RWF 1,500,000	RWF 8,000,000	
	Amafaranga y'imeza imwe			RWF 100,000
	Amafaranga yo gukina Bingo/icyicaro kimwe			RWF 50,000
	Amafaranga yishyurwa ku mashini imwe ikinishwa			RWF 50,000
	Kongeresha agaciro k'uruhushya	RWF 5,000,000		
2.	**Imikino y'amahirwe ikoresha Imashini gusa**	RWF 1,000,000	RWF 4,000,000	
	Amafaranga yishyurwa ku mashini imwe ikinishwa			RWF 50,000
	Kongeresha agaciro k'uruhushya	RWF 5,000,000		
3.	**Gutega muri siporo**	RWF 1,200,000	RWF 1,200,000	
	Kongeresha agaciro k'uruhushya	RWF 5,000,000		
4.	**Tombola yo ku rwego rw'igihugu**	RWF 1,000,000	RWF 5,000,000	
	Loto			
	Tombola zirimo imodoka			
	Tombola amafaranga yose atwarwa n'umukinnyi umwe			
	Amafaranga yo gukina umukino wa Keno			
	Amafaranga yo gukina umukino wa Bingo			

	Amafaranga y'indi mikino			
	Kongeresha agaciro k'uruhushya	RWF 5,000,000		
5.	**Ubundi bwoko bwa Tombola**			
	Tombola itarenza amezi atatu (3)	RWF 1,000,000		
	Tombola irenza amezi atatu (3)	Igomba gukorwa inyuze muri Tombola yo ku rwego rw'igihugu		
6.	**Abakora ibikoresho bikoreshwa mu imikino y'amahirwe**	RWF 250,000	RWF 500,000	
7.	**Abakwirakwiza ibikoresho cyangwa imikino y'amahirwe**	RWF 250,000	RWF 500,000	
8.	**Guhererekanya uruhushya rw'imikino y'amahirwe**	RWF 5,000,000		

License Fees applicable to different gaming activities				
S/N	**Category of Operation**	**Application fee**	**Annual License Fee**	**Other Fees**
1.	**Casino**	RWF 1,500,000	RWF 8,000,000	
	Table fee			RWF 100,000
	Bingo seat fee			RWF 50,000
	Slot machine fee			RWF 50,000
	License Renewal fee	RWF 5,000,000		
2. Ot	**Gaming Machines**	RWF 1,000,000	RWF 4,000,000	
	Slot machine fee			RWF 50,000
	License Renewal fee	RWF 5,000,000		
3.	**Sports Betting**	RWF 1,200,000	RWF 1,200,000	
	License Renewal fee	RWF 5,000,000		
4.	**National Lottery**	RWF 1,000,000	RWF 5,000,000	
	Lotto			
	Raffles			
	Sweepstakes			
	Keno			
	Bingo			
	Fees for other games			
	License Renewal fee	RWF 5,000,000		
5.	**Other forms of Lottery**			

7.	≤3 Month Lottery	RWF 1,000,000		
	>3 Month Lottery	Should be conducted via National Lottery License		
6.	**Manufacturers of gaming equipments**	RWF 250,000	RWF 500,000	
7.	**Distributors of gaming equipments**	RWF 250,000	RWF 500,000	
8.	**Transfer of a Gaming License**	RWF 5,000,000		

Frais de licence applicables aux différentes activités de jeux de hasard				
S/N	**Catégorie de l'opération**	**Frais de demande**	**Frais annuels de licence**	**Autres frais**
1.	**Casino**	RWF 1,500,000	RWF 8,000,000	
	Frais pour une table			RWF 100,000
	Frais de siège au Bingo			RWF 50,000
	Frais pour une machine à sous			RWF 50,000
	Renouvellement de licence	RWF 5,000,000		
2.	**Machines de jeux de hasard**	RWF 1,000,000	RWF 4,000,000	
	Frais pour une machine à sous			RWF 50,000
	Renouvellement de licence	RWF 5,000,000		
3.	**Paris sportifs**	RWF 1,200,000	RWF 1,200,000	
	Renouvellement de licence	RWF 5,000,000		
4.	**Lotterie nationale**	RWF 1,000,000	RWF 5,000,000	
	Lotto			
	Raffles			
	Sweepstakes			
	Keno			
	Bingo			
	Frais pour d'autres jeux de hasard			
	Renouvellement de licence	RWF 5,000,000		
5.	**Autres formes de Loterie**			

	Loterie de trois (3) mois au plus	RWF 1,000,000		
	Loterie de plus de trois (3) mois	Devraient être menées par l'intermédiaire de la Loterie Nationale		
6.	**Fabricants des équipements des jeux de hasard**	RWF 250,000	RWF 500,000	
7.	**Distributeurs des équipements des jeux de hasard**	RWF 250,000	RWF 500,000	
8.	**Transfert de licence**	RWF 5,000,000		

Bibonywe kugira ngo bishyirwe ku mugereka w'Iteka rya Minisitiri nº 01/013 ryo kuwa 20/06/2013 rigena amafaranga n'uburyo bwo kubona uruhushya rw'ibikorwa by'imikino y'amahirwe.

Kigali, kuwa 20/06/2013

(sé)
KANIMBA François
Minisitiri w'Ubucuruzi n'Inganda

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Seen to be annexed to Ministerial Order nº 01/013 of 20/06/2013 determining fees and procedures for obtaining a gaming licence:

Kigali, on 20/06/2013

(sé)
KANIMBA François
Minister of Trade and Industry

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Vu pour être annexé à l'Arrête Ministériel nº01/013 du 20/06/2013 déterminant les frais et les procédures pour l'obtention de licence de jeux de hasard

Kigali, le 20/06/2013

(sé)
KANIMBA François
Ministre du Commerce et de l'Industrie

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEKA RYA MINISITIRI N° 858/08.11 RYO KUWA 20/05/2013 RISHYIRAHO URUTONDE RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA BEMEREWE GUKORA UWO MURIMO

MINISTERIAL ORDER N° 858/08.11 OF 20/05/2013 PUBLISHING A LIST OF PROFESSIONAL COURT BAILIFFS ALLOWED TO EXERCISE THE PROFESSION

.

ARRETE MINISTERIEL N° 858/08.11 DU 20/05/2013 PORTANT PUBLICATION DE LA LISTE DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS AGREES POUR EXERCER LA PROFESSION

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Urutonde bw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bemerewe gukora uwo murimo

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry' amateka anyuranije n'iri teka

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: List of Professional Court Bailiffs allowed to exercise the profession

Article 2: Repealing provision

Article 3: Enforcement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Liste des huissiers de justice professionnels agréés pour exercer la profession

Article 2: Disposition abrogatoire

Article 3: Entrée en vigueur

ITEKA RYA MINISITIRI N° 858/08.11 RYO KUWA 20/05/2013 RISHYIRAHO URUTONDE RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA BEMEREWE GUKORA UWO MURIMO

Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 120, iya 121 n'iya 201;

Ashingiye ku Itegeko n° 12/2013 ryo ku wa 22/03/2013 rigenga umurimo w'Abahesha b'Inkiko, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 72;

Ashingiye ku Iteka rya Perezida n° 27/01 ryo ku wa 18/07/2004 rigena amwe mu mateka y'Abaminisitiri yemezwa atanyuze mu Nama y'Abaminisitiri, cyane cyane mu ngingo yaryo ya mbere;

ATEGETSE:

<u>Ingingo ya mbere</u>: Urutonde bw'Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bemerewe gukora uwo murimo

Abahesha b'Inkiko b'Umwuga bafite amazina ari ku rutonde ruri ku mugereka w'iri teka bemerewe gukora umurimo w'Ubuhesha bw'Inkiko.

MINISTERIAL ORDER N° 858/08.11 OF 20/05/2013 PUBLISHING A LIST OF PROFESSIONAL COURT BAILIFFS ALLOWED TO EXERCISE THE PROFESSION

The Minister of Justice/Attorney General,

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 120, 121 and 201;

Pursuant to Law n° 12/2013 of 22/03/2013 governing bailiff function, especially in Article 72;

Pursuant to the Presidential Order n° 27/01 of 18/07/2004, determining certain Ministerial Orders which are adopted without consideration by the Cabinet, especially in Article One;

HEREBY ORDERS:

<u>Article One</u>: List of Professional Court Bailiffs allowed to exercise the profession

Professional Court Bailiffs whose names appear on the list annexed to this Order are hereby allowed to exercise the professional of Court Bailiff.

ARRETE MINISTERIEL N° 858/08.11 DU 20/05/2013 PORTANT PUBLICATION DE LA LISTE DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS AGREES POUR EXERCER LA PROFESSION

Le Ministre de la Justice/Garde des Seaux,

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 tel que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 120, 121 et 201;

Vu la Loi n° 12/2013 du 22/03/2013 régissant la fonction d'Huissiers de Justice, spécialement en son article 72;

Vu l'Arrêté Présidentiel n° 27/01 du 18/07/2004 déterminant certains arrêtés ministériels qui ne sont pas adoptés par le Conseil des Ministres, spécialement en son article premier;

ARRETE :

<u>Article premier</u>: Liste des huissiers de justice professionnels agréés pour exercer la profession

Les Huissiers de Justice Professionnels dont les noms figurent sur la liste annexée au présent arrêté sont agréés pour exercer la Profession d'Huissiers de Justice.

Ingingo ya 2: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranye na ryo zivanyweho.

Ingingo ya 3: Igihe iteka ritangira gukurikizwa

Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa 20/05/2013

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

Article 2: Repealing provision

All prior provisions contrary to this Order are hereby repealed.

Article 3: Enforcement

This Order shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on 20/05/2013

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Minister of Justice/Attorney General

Article 2: Disposition abrogatoire

Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées.

Article 3: Entrée en vigueur

Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal de la République du Rwanda.

Kigali, le 20/05/2013

(sé)
KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des Seaux

UMUGEREKA W'ITEKA RYA MINISITIRI N° 858/08.11 RYO KUWA 20/05/2013 RISHYIRAHO URUTONDE RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA BEMEREWE GUKORA UWO MURIMO	**ANNEX TO THE MINISTERIAL ORDER N° 858/08.11 OF 20/05/2013 ON PUBLICATION OF A LIST OF PROFESSIONAL COURT BAILIFFS ALLOWED TO EXERCISE THE PROFESSION**	**ANNEXE DE L'ARRETE MINISTERIEL N° 858/08.11 DU 20/05/2013 PORTANT PUBLICATION DE LA LISTE DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS AGREES POUR EXERCER LA PROFESSION**

URUTONDE RW'ABAHESHA B'INKIKO B'UMWUGA BEMEREWE GUKORA UWO MURIMO	**LIST OF PROFESSIONAL COURT BAILIFFS ALLOWED TO EXERCISE THE PROFESSION**	**LISTE DES HUISSIERS DE JUSTICE PROFESSIONNELS AGREES POUR EXERCER LA PROFESSION**
1. BUREGEYA Aristide	1. BUREGEYA Aristide	1. BUREGEYA Aristide
2. GAKWENZI Ignace	2. GAKWENZI Ignace	2. GAKWENZI Ignace
3. GASORE John	3. GASORE John	3. GASORE John
4. UMURUNGI Jacquie	4. UMURUNGI Jacquie	4. UMURUNGI Jacquie
5. KALINDA Gaston	5. KALINDA Gaston	5. KALINDA Gaston
6. MUHINYUZA Florence	6. MUHINYUZA Florence	6. MUHINYUZA Florence
7. KANZAYIRE Yvonne	7. KANZAYIRE Yvonne	7. KANZAYIRE Yvonne
8. KARIHANGABO Cassius	8. KARIHANGABO Cassius	8. KARIHANGABO Cassius
9. KAYITARE Regis	9. KAYITARE Regis	9. KAYITARE Regis
10. KAYITESI Peace	10. KAYITESI Peace	10. KAYITESI Peace
11. MUHIRE Michel	11. MUHIRE Michel	11. MUHIRE Michel
12. NTIHEMUKA Jean Baptiste	12. NTIHEMUKA Jean Baptiste	12. NTIHEMUKA Jean Baptiste
13. MUREKEYISONI Immaculée	13. MUREKEYISONI Immaculée	13. MUREKEYISONI Immaculée
14. NIYIBIZI Béatrice	14. NIYIBIZI Béatrice	14. NIYIBIZI Béatrice
15. NKUNDIBIRAMA Aimé	15. NKUNDIBIRAMA Aimé	15. NKUNDIBIRAMA Aimé
16. NDAYAMBAJE Abdoul Karim	16. NDAYAMBAJE Abdoul Karim	16. NDAYAMBAJE Abdoul Karim
17. RUDASINGWA Pierre	17. RUDASINGWA Pierre	17. RUDASINGWA Pierre
18. SUNDAY Andrew	18. SUNDAY Andrew	18. SUNDAY Andrew
19. SENZIRA RUKAMATA Justin	19. SENZIRA RUKAMATA Justin	19. SENZIRA RUKAMATA Justin

20. TUYISENGE Théotime	20. TUYISENGE Théotime	20. TUYISENGE Théotime
21. UWIMANA Bernard Ismaël	21. UWIMANA Bernard Ismaël	21. UWIMANA Bernard Ismaël
22. UWITONZE Nelly	22. UWITONZE Nelly	22. UWITONZE Nelly
23. KALISA Didier Libakare	23. KALISA Didier Libakare	23. KALISA Didier Libakare
24. MUNYANEZA Valèrien	24. MUNYANEZA Valèrien	24. MUNYANEZA Valèrien
25. KAYIHURA Ephrem	25. KAYIHURA Ephrem	25. KAYIHURA Ephrem
26. HABIMANA Védaste	26. HABIMANA Védaste	26. HABIMANA Védaste
27. MUHONGERWA Béatrice	27. MUHONGERWA Béatrice	27. MUHONGERWA Béatrice
28. MUGENZI Nathanaëlle	28. MUGENZI Nathanaëlle	28. MUGENZI Nathanaëlle
29. MUTABAZI Etienne	29. MUTABAZI Etienne	29. MUTABAZI Etienne
30.RUSUNIKA Jonas	30.RUSUNIKA Jonas	30.RUSUNIKA Jonas
31.NDABAHAMYE Wenceslas	31.NDABAHAMYE Wenceslas	31.NDABAHAMYE Wenceslas
32. SEMAJAMBI Léon	32. SEMAJAMBI Léon	32. SEMAJAMBI Léon
33. KANYANA Bibiane	33. KANYANA Bibiane	33. KANYANA Bibiane
34. NZAMWITA Vincent	34. NZAMWITA Vincent	34. NZAMWITA Vincent
35. NSENGIYUMVA John	35. NSENGIYUMVA John	35. NSENGIYUMVA John
36. NSENGIYUMVA Jean Bosco	36. NSENGIYUMVA Jean Bosco	36. NSENGIYUMVA Jean Bosco
37. NGENDAHIMANA Alphonse	37. NGENDAHIMANA Alphonse	37. NGENDAHIMANA Alphonse
38. RUGAMBA Crispin	38. RUGAMBA Crispin	38. RUGAMBA Crispin
39.MUNYANGEYO Themistocle	39. MUNYANGEYO Themistocle	39. MUNYANGEYO Themistocle
40.KAZIGABA Andre	40. KAZIGABA Andre	40. KAZIGABA Andre
41. KAGAME Kimonyo Alex	41. KAGAME Kimonyo Alex	41. KAGAME Kimonyo Alex
42.MUSONI Godfrey	42. MUSONI Godfrey	42.MUSONI Godfrey
43.MUNYENTWALI S. Willy	43.MUNYENTWALI S. Willy	43.MUNYENTWALI S. Willy
44.KAMANZI Emmanuel	44.KAMANZI Emmanuel	44.KAMANZI Emmanuel
45.NGORORUKUNDA Clement	45.NGORORUKUNDA Clement	45.NGORORUKUNDA Clement
46.NIYONSHUTI Iddi Ibrahim	46.NIYONSHUTI Iddi Ibrahim	46.NIYONSHUTI Iddi Ibrahim
47.RUCYAHANIRA RUBONDO Manasse	47.RUCYAHANIRA RUBONDO Manasse	47.RUCYAHANIRA RUBONDO Manasse
48. SEBAGABO Stanislas	48. SEBAGABO Stanislas	48. SEBAGABO Stanislas

49. MALIZA Ines	49. MALIZA Ines	49. MALIZA Ines
50. MUTSINDASHYAKA Francois Xavier	50. MUTSINDASHYAKA Francois Xavier	50. MUTSINDASHYAKA Francois Xavier
51. IRAKIZA NTAGOMWA Elie	51. IRAKIZA NTAGOMWA Elie	52. IRAKIZA NTAGOMWA Elie

Kigali, kuwa 20/05/2013 **(sé)** **KARUGARAMA Tharcisse** Minisitiri w'Ubutabera / Intumwa Nkuru ya Leta	**Kigali, on 20/05/2013** **(sé)** **KARUGARAMA Tharcisse** Minister of Justice / Attorney General	**Kigali, le 20/05/2013** **(sé)** **KARUGARAMA Tharcisse** Minister of Justice / Attorney General

URUBANZA RC 0116/06/TB/Nyrga URUPAPURO RWA MBERE

URUKIKO RW'IBANZE RWA NYARUGUNGA RURI I NYARUGUNGA RUHABURANIRISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO MU RWEGO RWA MBERE , RUCIYE URU RUBANZA MU RUHAME KU WA 28/9/2007 MU BURYO BUKURIKIRA :

HABURANA

UREGA : KANKUNDIYE Dancille mwene GASHABIZI Vincent na NYIRAKAMANA Bellancille, utuye MBABE-MASAKA –KICUKIRO –Umujyi wa KIGALI

UREGWA : -

IKIREGERWA : Gusaba urukiko kwemeza ko HAKIZIMANA Celestin (Umugabo wanjye) ko yabuze.

URUKIKO ;

Rushingiye ku itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003 nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu , mu ngingo ya 143;

Rushingiye ku Itegeko Ngenga N^{o} 07/2004 ryo kuwa 25/04/2004 rigena imiterere , imikorere n'ububasha by'inkiko nk'uko ryahinduwe kandi rikuzuzwa kugeza ubu, ingingo yaryo ya 66 ;

Rishingiye ku Itegeko No 18/2004 ryo ku wa 20/6/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano , iz'ubucuruzi , iz'umurimo n'iz'ubutegetsi nk'uko ryhinduwe kandi rikuzuzwa n'Itegeko No 09/2006 mu ngingo yaryo ya 4,al.1;

Rumaze kubona urubanza KANKUNDIYE Dancille yashyikirije uru rukikoku wa 25/09/20006 ikirego kikandikwa kuri No RC 0116/06/TB/Nyrga;

Rumaze kubona Itegeko rya Perezida w'Urukiko rishyira umunsi w'iburanisha ku wa 10/10/2006, uwo munsi ugeze urega yitaba yiburanira ku giti cye;

Rumaze kumva KANKUNDIYE ahabwa ijambo ngo asobanure ikirego ,avuga ko yasezeranye na HAKIZIMANA ku wa 12/2/2004 bamaranye ibyumweru bibiri aragenda hari ku wa mbere ku wa gatatu intambara iraba, hari abahungutse mu 1996 bamubwira ko babanaga mu nkambi muri KONGO banyanyagiye babura irengero rye, mu 1997 abazaga bavugaga ko yapfuye akabona ko babeshya arategereza kugeza ubu nta gakuru ,akaba ari yo mpamvu asaba ko urukiko rwakwemeza ko yabuze;

Rumaze kumva KANKUNDIYE abazwa niba hari umuntu HAKIZIMANA yasize agennye ngo azacunge umutungo, asubiza ko ari nta we kuko yari ari umugore we;

URUBANZA RC 0116/06/TB/Nyrga URUPAPURO RWA KABIRI

Rumaze KANKUNDIYE abazwa niba ari nta bana bari bafitanye, asubiza ko ari nta bo kuko bari bamaze ukwezi n'ibice;

Rumaze kubona icyemezo cy'uko HAKIZIMANA Celestin na KANKUNDIYE Dancille bashyingiranywe, cyatangiwe mu biro by'umurenge wa NYARUGENGE kuwa 13/9/2006;

Rumaze kubona ko kuva urubanza ruburanishijwe hashize umwaka kandi ari nta wundi muntu wari wamenyesha urukiko ko HAKIZIMANA akiriho;

Rumaze kubona itariki y'isomwa ry'urubanza ishyirwa kuwa 25/9/2007;

Rusanze ikiregerwa ari ugusaba kwemeza ubuzimire;

Rusanze ikirego cya KANKUNDIYE Dancille kigomba kwakirwa kigasuzumwa kuko cyaje mu buryo no mu nzira bikurikije amategeko;

Rusanze KANKUNDIYE Dancille ari umugore wa HAKIZIMANA Celestin bashyingiranywe byemewe n'amategeko kuwa 9/9/1993 imbere y'umwanditsi w'irangamimerere wa Komini KANOMBE;

Rusanze kuva HAKIZIMANA azimiye hashize imyaka irenga itanu kuko yabuze kuva ku wa 5/4/1994 ubwo intambara yabaga akagenda kugeza ubu akaba ataragaruka ku bw'ibyo akaba ari nta gakuru ke umugore we yari yabona, bityo bikaba bigaragara ko HAKIZIMANA yabuze;

Rusanze Itegeko No 42/1988 ryo kuwa 27 Ukwakira 1988 mu ngingo yaryo ya 40 rivuga ko urubanza rw'ubuzimire rucibwa hashize umwaka ubuzimire bumenyeshejwe urukiko kandi rugatangazwa mu karere uwazimiye yari atuyemo n'inyandiko mvaho y'urwo rubanza ikohererezwa Ministri w'ubutabera akarutangaza; naho mu ngingo yaryo ya 25 rikavuga ko iyo umuntu abuze aho yari atuye cyangwa aho aba, bavuga ko akiriho mu gihe cy'imyaka itanu iyo hari umuntu yasize mu bye, bityo kuba kuva mu 1996 KANKUNDIYE nta gakuru kuko umugabo we HAKIZIMANA Celestin akiriko yari yabona bikaba bigaragaza ko yazimiye;

KUBERA IZO MPAMVU ZOSE RUBONYE MU RUHAME;

Rwemeye kwakira ikirego cya KANKUNDIYE Dancille, rugisuzumye rusanga gifite ishingiro;

Rwemeje ko HAKIZIMANA Celestin rwohererezwa Ministri w'Ubutabera agatangaza izimira rya HAKIZIMANA Celestin yazimiye;

Rutegetse ko uru rubanza rutangazwa ku biro by'Umurenge wa MASAKA no ku biro by'Akarere ka KICUKIRO;

URUBANZA RC 0116/06/TB/Nyrga URUPAPURO RWA GATATU

Rutagetse ko uru rubanza rwohererezwa Munistri w'Ubutabera agatangaza izimira rya HAKIZIMANA Celestin;

Ruvuze ko ingwate y'amagarama y'urubanza yatanzwe ihwanye n'imirimo yakozwe muri uru rubanza;

Ntirusomwe kuwa 25/9/2007 kubera ko umucamanza yari yagize akazi kenshi;

NI UKO RUCIWE KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 28/09/2007 HARI UMUCAMANZA WARUBURANISHIJE AFATANIJE N'UMWANDITSI W'URUKIKO

UMUCAMANZA	UMWANDITSI W'URUKIKO
UWAYEZU Félix	UKWITEGETSE Florence
(sé)	(sé)

RC N^{O} 0097/09/TB/Nyrga urupapuro rwa mbere

URUKIKO RW'IBANZE RWA NYARUGUNGA RURI I NYARUGUNGA MU CYICARO CYARWO GISANZWE RUHABURANIRISHIRIZA MU MUHEZO IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO MU RWEGO RWA KABIRI, RWACIYE URU RUBANZA MU BURYO BUKURIKIRA:

HABURANA

UREGA:
KANKUNDIYE Dancille mwene GASHABIZI Vincent na NYIRAKAMANA Bellancille, wavutse mu 1976, utuye Umudugudu wa Mbabe, Akagali ka Mbebe, Umurenge wa Masaka, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali;

UREGWA:
Ntawe

IKIREGERWA

Gokosora amakosa ari mu rubanza RC 0116/06/TB/Nyrga rwaciwe ku wa 28/09/2007

I IMITERERE Y'URUBANZA

1. KANKUNDIYE Dancille yatanze ikirego muri uru rukiko asaba ko hari ibyakosorwa mu rubanza rwavuzwe haruguru, icyo kirego kimaze kugera mu rukiko cyandikwa mu gitabo cyabigenewe gihabwa No RC 0097/09/Nyrga;

II. IMIGENDEKERE Y'URUBANZA

2. Itegeko rya Perezida ryo ku wa 11/06/2009 rishyira umunsi w'iburanisha kuwa 15/06/2009, saa mbiri za mu gitondo;
3. Kuri uwo munsi ,urubanza rwaburanishijwe, KANKUNDIYE Dancille avuga ko urubanza rwe yarujyanye muri Minisiteri y'Ubutabera agira ngo rutanganzwe mu igazeti ya Leta, basanga harimo amakosa ku matariki yanditsemo ku bijyanye n'umunsi yasezeraniyeho imbere y'amategeko n'imbere y'ubuyobozi bw'idini, avuga ko kuri we icyo yumva cyakosorwa ari itariki yasezeraniyeho imbere y'amategeko kuko ari kuwa 09/09/1993, naho iyo kuba yarasezeranye mu idini ikaba ku wa 12/02/1994 aho kuba kuwa 12/02/2004 n'ubwo yo idakenewe cyane muri uru rubanza, avuga kandi ko ahandi hakosorwa ari aho banditse ko icyemezo cy'uko yashyingiranywe na HAKIZIMANA Celestin cyatangiwe i Nyarugenge, kandi cyaratangiwe i Nyarugunga;

4. Iburanisha ryasojwe, urukiko rutangaza ko isomwa ryarwo rizaba kuwa 30/06/2009 saa munani;

RC N^{O} 0097/09/TB/Nyrga urupapuro rwa kabiri

III.UKO URUKIKO RUBIBONA

5. Ingingo ya 152 y'Itegeko n^{o} 18/2004 ryo ku wa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi igira iti" *Ibirego bisaba gusobanura cyangwa gukosora amakosa ari mu rubanza biregerwa urukiko rwaciye urwo ruzanza"* ni muri urwo rwego rero iki kirego cyakiriwe kikanasuzumwa, kuko cyatanzwe mu buryo bukurikije amategako;

6. Ingingo ya 154 y'Itegeko n^{o} 18/2004 ryo kuwa 20/06/2004 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi, iz'umurimo n'iz'ubutegetsi igira iti"*Ibirego bisaba gusobanura urubanza cyangwa gukosoramo amakosa biburanishirizwa mu muhezo ababuranyi batongeye kuvuguruzanya kandi nta gihinduwe ku cyemejwe n'urukiko* "bityo rero hakaba harakosowe amakosa yagaragaragamo ariko ntacyo bihinduye ku cyemezo cyafashwe n'urukiko kuwa 28/09/2007 mu rubanza n^{o} RC/0116/06/TB/Nyrga.

IV. ICYEMEZO CY'URUKIKO

7. RWEMEYE kwakira ikirego rwagejejweho na KANKUNDIYE Dancille kuko cyatanzwe mu buryo bukurikije amatageko kandi rugisuzumye rusanga gifite ishingiro;

8. RWEMEJE ko KANKUNDIYE Dancille na HAKIZIMANA Celestin bashyingiranywe imbere y'amategeko ku wa 09/09/1993;

9. RWEMEJE ko icyemezo cy'uko KANKUNDIYE Dancille na HAKIZIMANA Celestin bashyingiranywe cyatangiwe i Nyarugunga;

RUKIJIJWE RURYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME MU RUKIKO RW'IBANZE RWA NYARUGUNGA RURI I NYARUGUNGA NONE KUWA 30/06/2009, RUGIZWE NA UZAMUSHAKA Isabelle, UMUCAMANZA, AFASHIJWE NA GAHURANYI Thadée, UMWANDITSI W'URUKIKO.

UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**
UZAMUSHAKA Isabelle	**GAHURANYI Thadée**
(Sé)	(Sé)

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NDUWAYEZU Gatsinzi Thérèse RUSABA GUHINDURA IZINA

Uwitwa **NDUWAYEZU Gatsinzi Thérèse** utuye mu Murenge wa Kanombe, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, yasabye guhindura izina rya **NDUWAYEZU Gatsinzi** mu irangamimere ye rigasimbuzwa iry'umugabo we rya **Bodemann**.

Impamvu atanga ngo ni uko iryo zina rya **Bodemann** iri izina ry'umugabo we akaba yifuza ko ryasimbura irya **NDUWAYEZU Gatsinzi** kugira ngo abashe kubona uburengazira ku mitungo ndetse no kugira ngo bimworohere kubona akazi.

Arifuza rero ko izina rya **NDUWAYEZU Gatsinzi** ryasimbuzwa irya **Bodemann** mu irangamimere ye, bityo akitwa **Bodemann Thérèse.**

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA UMUTESI MONIQUE RUSABA GUHINDURA IZINA

Uwitwa **UMUTESI MONIQUE** utuye mu Kagari ka Nyarutarama, Murenge wa Remera, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, yasabye kongera izina rya **KARANGWA** mu irangamimere ye.

Impamvu atanga ngo ni uko iryo zina rya **KARANGWA** iri izina ry'umugabo we bashyingiranywe mu buryo bwemewe n'amategeko ;

Arifuza rero ko izina rya **KARANGWA** ryakongerwa mu mazina asanganywe mu irangamimere ye, bityo akitwa **KARANGWA UMUTESI MONIQUE.**

INGINGO Z'INGENZI Z'URWANDIKO RWA NIGWIRE Agnès
RUSABA GUHINDURA AMAZINA

Uwitwa **NIGWIRE Agnes** ubarizwa mu Kagari ka Bibare, Murenge wa Kimironko, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, yasabye guhindura amazina ye ya **NIGWIRE Agnes** akayasimbuza aya **NIGWIRE SAFARI Agnes** mu irangamimere ye.

Impamvu atanga ngo ni uko yamenye ubwenge asanga Se umubyara witwaga **SAFARI** n'umuryango we wose barazimye bazize jenoside yakorewe Abatutsi mu Rwanda, akaba yarasanze icyatuma umuryango we ukomeza kubaho ari uko yakwitwa izina rya Se rikagaragara no mu bimuranga byose.

Bityo akaba asaba kwemererwa binyuze mu nzira zemewe n'mategeko ko amazina ya **NIGWIRE Agnes** akongerwamo **SAFARI** mu irangamimere ye, akitwa **NIGWIRE SAFARI Agnes.**